

N° 19



**IJWI RIGAMIJE GUKANGURA NO KURENGERA RUBANDA NYAMWINSHI**

KA02 1379

**I Kigali hatangiye gukorera icyaha ry'Inkotanyi ku mugaragaro Parti Libéral Hagomba ubwiyunge bwa MRND na MDR kugirango bene gahutu badashirira ku icumu**

*Kuba Ministre w'Umuzima ari umututsi ukomoka mu muryango w'impunzi sibyo byatumye ahakanira Inkotanyi zikora muri Ministeri ayobora cyangwa ngo hitume aguma mu mazi ahira.*




*Karambizi: n'urubyarwo rwe kimwe n'anandi batutsi ndashyize kuvuza batoywe kurasa n'Inkotanyi i Nakase-ro-Uganda.*

**KANYARENGWE ATUMAZEHO ABATUTSI**

**PEREFE WA CYANGUGU KAGIMBANGABO NIBA ADAHINDUWE MBERE YUKWEZIKWA MUNANI NGO ABAKOZI BT CYANGUGU BIYEMEJE KUMUHA ISOMO NIBA AZI UBWENGE YAKWEGURA**

**ABAHUTUKAZI NIBUNGANIRE KANGURA MU KURENGERA  
BENE GAHUTU  
NZEMERA MVUGE MBIZIRE ARIKO MBURIRE ABAHUTU**



Ibihe turimo bigeze igihe cyo kuba ingorabahizi. Mvuze ntyo kubera ko iyi ntambara twizeraga ko imaze gucogora, tubona noneho igiye gukariha kurushaho. Muzi mwese ukuntu Umukuru w'Igihugu yakozwe ibishoboka byose ngo arebe ko mu Rwanda haboneka amahoro, ariko reka da! Twatewe n'Inyenzi-Inkotanyi, ziza ziwaje ko Leta y'u Rwanda yazibujije itahuka. Ibyo ndumva ntabitindaho kuko ibyakozwe byose bizwi n'ababikurikiriraga hafi. Intambara ni nk'indirero! Mwese muzi ko uvanyemo Abahutu mbarwa barimo Kanyarengwe na Bizimungu, impunzi zahindutse Inyenzi-Inkotanyi zose zikomoka ku Batutsi. Twemere ko mu gihe zaje ziturasa ku mipaka nta moko zarobanyuye. Ahubwo mu gihugu imbere abahutu n'abatutsi bari biteguye kubavangura. Abahutu batari kugwa ku rugamba, dore nkuko ari nabo benshi mu gihugu no mu ngabo, bamwe bari gufatirwa mu bizungerezi. Dore ko no kugeza magingo aya abariye uburozi muri ibyo bizungerezi, barimo n'Abategetsi, na nubw'abaracyabibungamo, bazi neza ko byagaragaye ko mu rwego rw'ubutasi, Inkotanyi zifashisha bashiki bazo b'ibizungerezi. Kandi mu nzego zose ntaho utabisanga. Ngibyo muri za Minisiteri, mu bigo byigenga ntiwabara, munsu y'ibitanda no mu tubari, ntaretse no mu mazu muri za Salon dore ko n'ahenshi batwinjiyemo tubabera abakwe. Ahe anafite umugabo

ntakizamubuza kuba icyitso, yitwaze ubuzungerezi agutware amabanga. Umuhutu ntashuka, arashukika. Iyi ntambara abahutu ntibazibwire ko bayirwana kimwe n'abatutsi kuko utaretse kwirengagiza abatutsi baracyashaka ubutegetsi bambuwe na Gahutu. Muzarebe neza muzasanga abatutsi 85% bari mu gihugu imbere bafite amasano anyuranye n'impunzi zabyaye inyenzi-nkotanyi zidutera. Ni nayo mpamvu iyo ntambara kuri bamwe yabaye insobe ndetse bamwe bagahitamo kwicecekerera, ariko kariyo. None wasobanura ute ukuntu ari nta nkuru y'i Rwanda bwakwira itageze ku mwanzi no ku mpunzi aho ziri ku isi yose? Ibyitso biranze, bikora amanywa n'ijoro. Abatutsi batuye mu gihugu ntibahwema gufasha bene wabo, abahutu bigaramiye. Aho mutekereza ko kugeza na n'ubu abasirikare bacu (abana, abavandimwe banyu) bagihanganye n'umwanzi mu majyaruguru y'igihugu. Kandi abo Bahutu bakomoka mu turere twose tw'u Rwanda nibo baraswa n'Inyenzi. Mubagezaho maku-ru ki?

Twabonye ko ibizungerezi bikorera basaza babo b'inyenzi-nkotanyi. Dusobanura ko impunzi zidutera zikomoka ku batutsi bahunze hagati ya 1959 na 1972. Ko abasigaye imbere mu gihugu abenshi bafitanye amasano n'izo nkotanyi ariko kubera amaburakindi abenshi bahisemo kunuma, ababishoboye bakorera mu mayeri menshi, nko kwifata nabi mu cyayenge, kwica amadosiye nkana, gushakisha abasore n'inkumi bohereza mu nkotanyi, gutereza Abahutu abana na bashiki babo ngo babone amakuru bohereza hanze n'ibindi... Igiteye agahinda ni aho abakijijwe na politiki y'ubumwe n'amahoro bazaniwe n'abahutu aribo bage-nda bakanga abatutsi batishoboye ngo nibakore iyo bwabaga bigobotore ingoma ya Gihutu, abo baherwe barimo ba Kajeguhakwa, Majyambere, Rwigara Kimenyi n'abandi... Gukoresha abari mu gihugu imbere babonye bitagisho-

boise bahitamo gukoresha imbunda, batera u Rwanda batewe inkunga na kanyeshyamba Museveni. Ariko kandi nkuko mubyumva, n'ababibona uko babyibonera, Ingabo z'u Rwanda zerekanye ko ari Indahangerwa. Turamagana imvugo y'abatutsi bari mu bafunzwe mu byitso basigaye bavuga ngo Ingabo nizatuhuka ku rugamba nta cyitso na kimwe kizongera kugaragara mu Rwanda ngo bazatsemba guhera ku nkotanyi-ibitso n'abana n'abuzukuru babo. Abo ni abifuzako intambara yakomeza kugeza ubwo nta muhutu w'umusilikari cyangwa umusivili uzongera kurangwa mu Rwanda cyeretse abagaragu babo. Abatutsi n'inyenzi zizaba zaracyigaruriye! Muri abo bagaragu wazasangamo ba Kanyarengwe, Maitre Mbonampaka, Mugenzi na ba bahutu bose twabonye ko barozwe, bakaba barwaye indwara yo gucikira ku batutsikazi b'ibizungerezi. Inzira inkotanyi zizakoresha ni nyinshi. Nibabona intambara y'amasasu inaniranye, bazakoresha pistolets za bashiki babo, bataretse abagore babo ndetse na ba nyina. Ibi byaragaragaye, ryarabaye ntrikabe; naho umusore atinyuka mushiki we abasigaye kugirira agasoni uwuhe mubobava inda imwe?

Abahutu mujye muhora muzi ko Umututsi ataremera na rimwe gutsindwa cyangwa se guta ishema. Nibiba ngombwa inzira zose zizakoreshwa mpaka. Dore intambara turwana bayiteguye imyaka 30 yose? Uretse ko hari abahutu bazi kwiterera mu mata nk'isazi, iyo myaka yose hari uwakwihandagaza ngo nyje mwene gahutu imigambi yabo nari nyizi, nari mfitemo uruhari, mu bakotizaga narimo, abubatswe amashuri hanze n'ibigo by'abasilikari narimo, noherejeyo umwana wanjye n'ibindi n'ibindi.

Ndabona abahutu bamwe batangiye kurohamira mu gaco k'inkotanyi banteye intimba.

**Imidugararo mu mashyaka**

Ubu bimaze kugaragara ko Amashyaka yose ari mu Rwanda ibyitso bizayihishamo kugira ngo bitere imidugararo imbere mu gihugu, abahutu bamarane, u Rwanda rutembe imivu n'amaraso. Ibyo biragaragazwa n'amatiku agenda avuka buri munsu imbere mu gihugu. Nawe urabona ngo Abatutsi biyise inkotanyi basabe ibyo bashaka ko byahinduka, ibyo Inkotanyi zikabivugira habwira byo zibera i Burayi, zarangiza zibwira ku byitso byazo byibera muri MDR, babigeza yo, muri MDR bati ibi bimenyetso biragaragara koko. Ubishaka azasome itangazo ryatanze n'inkotanyi mu

Budage ejo bundi, arebe n'ibyo MDR iherutse gucisha mu kinyamakuru Isibo, maze muzarebe ko mutazumirwa. Twe turasanga Abahutu bagitsimbaraye kuri MRND bagombye kumvikana na bagenzi babo bo muri MDR, bityo umututsi ushaka kubatsemba, yitwaza ko yabihishemo, yabura aho amenera. Aha abahutu mujijuke! Kuba mu mashyaka abiri atandukanye ntibyahabuzwa kuba mwaba muva inda imwe, icyo muharanira ari kimwe n'ubwo wenda inzira n'ubushobozi byaba bitandukanye. Niba MRND na MDR mu byo muharanira, kurwana kuri mwene Gahutu mubihuriyeho, nimwumvikane. Uburyo ntibuhuze.

Aho kubita ngo mugize za Parti d'opposition imwe ku yindi. Ayo ni amayeli y'umwanzi. Kandi muzi ko umwanzi afite ingufu; Amafranga menshi, abatutsikazi b'ibizungerezi n'ubundi buryo, byabambura abarwanashyaka b'abahutu bakajya kutugambanira mu yandi mashyaka. Bahutu rero iyi nimeru twayiteguye tugirango twongere tubabwire ko mugomba kuba maso, ejo mudasubira mu BUJA nkuko nshi Perezida wa Repubulika akunze kubivuga. Bariya bagaragu b'inyenzi bo, nibitonde, ingabo ziri maso, nitizatinda mu kubaha isomo.

**DUSUBIZE MINISITIRI W'UBUZIMA**

Murwanashyaka Ministre w'Ubuzima. NGEZE Hassan Umunyamakuru w'umuhutu ntabwo agushubije mw'izi na ryuko uri Ministre w'umututsi ukomoka mu muryango wari warahuzwe. Kuko ibyo ntacyo byatugezaho. Duherutse kubona kopi y'urwandiko wandikiye i Kigali mu Biro byawe. Le 17-06-1991 n° 17/1839/MIN/91 icya tubabaje ni uko wabaye nkaho uturega kandi waragombaga gushishoza Bwana Ministre wahakaniye inkotanyi mukorana none reka twebwe tugire icyo tukubwira.

1. Uribuka Docteur Rudakubana Charles inshuti yawe yakoraga mu bitaro mu Ruhengeri akaza gutegura umugambi wo kujya atera amaraso buri mutegetsi w'umuhutu wese wivurije mu Ruhengeri. Sibyo gusa kuko buri Muhutukazi wese wagombaga kuhabyarira yagombaga guterwa ayo maraso we n'umwana we. None se ibyo wagize ngo ntabwo tubizi, usibye ko nari naranze kubandika ngo utagira ubwoba? Ese ibyo yakoze abika inkotanyi mu Bitaro bya Ruhengeri aho urabyibuka. Niba warabyiba-

giwe. Fata Telefoni ubaze Ibiro by'Iperereza barabikubwira.

Ese uribuka ukuntu yafunzwe n'uko yatorotse, aho uzi ibyo ari gukora mu Nkotanyi kuri iki gihe. Wongere wibuke ko yakoranaga n'umututsi wo ku Gisenyi witwa Rwemalika Eustache.

Tugarutse kubyo wavugiyeye kuri Radiyo ejo le 21-07-1991. Ibisobanuro byawe byababaje Abasirikare bose b'u Rwanda. Kubona muhakana ko muri Minisitiri muyobora nta inkotanyi zirimo. Niba mutabibona ku bushake bwanyu reka ntihazabura umusirikare uzarakazwa n'ibikorwa n'ibizungerezi mu Bitaro bya Kigali maze agahabwa ibihembo bihabwa inkotanyi. Aho mu Bitaro utahavuguruye vuba hashobora guhinduka i Matimba.

Tugaruke kubyo mwahakanye ko nta mugambi wo gutera amaraso ya Sida Abasirikare bacu. Mbese icyo inkotanyi zitashobora n'iki? Amafaranga barayafite. Amayeri n'ubugome barabifite, dusanze atari ngombwa kuguha aho twakuye ayo makuru kuko tutazi icyo Perezida yashakaga kuge-

raho akugira Ministre. Kuko abakurikirira hafi ibya Politike bemeza ko yabahisemo kugira ngo aje abatuma mu nkotanyi muherekejwe na Katabarwa ngo muzatubwirire inkotanyi muhujwe ubwoko zireke umugambi wabo wo kurimbura bene Gahutu bose. Siniriwe nguha ibimenyetso byose bigaragaza ko ubwo bugome inkotanyi zibufite. Ubwo wareze Kangura mu Rukiko ibyo bimenyetso, twebwe dufatanyije n'Ingabo z'u Rwanda tuzabigaraza mu Rukiko. Gusa uzabaze Ibiro by'Iperereza ko Article yacu yabivugaga itanzwe n'ibyo biro kandi byavugwaga n'inkotanyi ikomeye yari ivuye ku Rugamba ibivugira i Rushuro muri Zayire.

Ubwo mwemeye kuturega natwe n'akari imurori ku bakozi bawe tuzakubwira. Ese kuki ibitaro byo mu mijyi byuzuyemo abatutsi gusa. Ese wasobanura ute mutation zabaye ikitaraganya ku Gisenyi? Byose turabizi di. Ubwanditsi bwa Kangura burasaba abakurikirira hafi ibikorwa n'ibizungerezi bose kubitumenyeshya bakimara gusoma iyi Kangura. Tuzabagirira ibanga mukutabavuga izina.

**Ibinyamakuru KIMENYI yemeza ko bikorera Inkotanyi**

IJAMBO — IKINDI — RWANDA RUSHYA — AGATASHYA  
LE TRIBUN DU PEUPLE — REPUBULIKA — L'OPINION — KANGUKA  
LE PARTISAN

Kangura Spécial guerre d'octobre.  
Ikinyamakuru gishya kibanda kuri iyi ntambara cyandikwa na Gisenyi-Info kigira mirongo itanu - Nimeru 000 yasohotse. Baza aho usanzwe ugurira Kangura.

## M.NOUVEAU RICHE Pascal MU NTIMBA Y'IBYO YAKOZE, YAROSE YICWA KA02 1382

Iyo ari mu kinyamakuru cyabo "Le Volcan", biyita Abazayirwa bavuga ikinyarwanda. Byagera mu ntambara bakiyita inkotanyi, ari zo mpunzi z'Abanyarwanda zifite icya-ka cy'ubutegetsi. Ibyo biterwa kwibaza igihe bazahagarikira akamenyero kabi bafite ko "gutapfuna" habiri. Ni muri urwo rwego impunzi nyinshi z'Abanyarwanda zagiye zishaka mu nzira izo ari zo zose ubwengehugu bw'ibihugu zahungiyemo, cyane cyane ibyegereye u Rwanda. Ibintu birushaho kuamba mu gihe ubwabo baba bamaze kubonako inyota yo kwinjira muri politiki y'igihugu cyabakiriye, bagasigara no muri politiki y'igihugu bahunze, yabatanze imbere kandi ubu ikaba ikubitwa imihini impande zose. Iyo nyota yo kuba umunyapolitiki mu bihugu bibiri icyari-mwe bayigeraho bitwaje ngo ni Abazayirwa, Abarundi, Abaganda... bavuga ikinyarwanda. Ntibizagire uwo bitangaza nibaramuka bavuze ko ari Ababiligi bavuga urwa gihanga ! Kuba ariko hari abanyamahanga bivugira ikinyarwanda nta wubihakanye. Ikitemewe, ni abitwaza kuvuga ikinyarwanda bagahakana kuba impunzi, bagafata ubwengehugu bw'aho bahungiyeye, nyuma bakivanga mu bibazo bya politiki y'u Rwanda biyita Abanyarwanda.

Mu mwaka w'i 1973, ni bwo MUNYAMPIRWA Pascal yaje kwitwaha Bahenda mu gihe yari azigamye Pascal. Iri rya "gikirisitu" ryaje kwamamara aho abereye umuherwe. Ubwo kuri Goma baza kumumenya cyane kuri M. NOUVEAU RICHE Pascal. Uwo mugabo wageze muri Zayire ejo bundi, na we abarwa mu ba Zayirwa bavuga ikinyarwanda. Ndetse ubwo bwengehugu bwaje kumuhesha kuba umugenzuzi wa H.C.R. kuri Goma. Mu ibanga impunzi ihagararira izindi. Ikinyamakuru "Le Volcan" cyo ku ya 15 Kanama 1991 kiragira kiti "M. MUNYAMPIRWA Pascal, tutsi,

est soupçonné par le pouvoir de Kigali de recruter des combattants pour le compte du F.P.R.". Ngo M. Munyampirwa Pascal, Umututsi, arakewwe n'ubutegetsi bw'i Kigali, kuba ashakira F.P.R. ingabo. Inshinga gukera icyo kinyamakuru cyakoresheje, ntivugaga neza ibintu. Ahubwo YAV MUTACH icyo aza kwandika ngo ubutegetsi bw'i Kigali buzi neza ko Munyampirwa Pascal ashakira rwose inkotanyi ingabo ! Mutach rero kuba uri umunyamakuru, azi ko ijamba rimwe rishobora kugira ikintu kinini ryongera ku gitekerezo cyangwa rikakigabanya. Mu ngero nyinshi zigaragaza koko k'ubutegetsi bw'i Kigali buzi icyo Nouveau Riche abereye inkotanyi kuri Goma turaguha ebyiri uzakira ibisobanuro bihagije mugenzi wawe mukorana muri icyo kinyamakuru witwaga MURASANDONYI.

Ngaho umva neza. Hari umuhungu witwaga MUNGEMBE w'aho kuri Goma. Akaba muramu wa RUKIMBIRA. Mu minsi ya mbere yagiye k'urugamba. Mu kwezi kwa Gashyantare 1991 agaruka aho kuri Goma azanyeye ubutumwa burimo ubwa Nouveau Riche. Uyu ni we wahishe Mungembe mu minsi mike yamaze kuri Goma. Kuba Mungembe ari umwe mu ngeruza zo kuri Goma ariko ubutegetsi bukaba buzi amakuru ye ni icyerekana n'udukuru duta tuba tuzwi. Urugero rwa kabiri ruzwi na bese na none uzakira Mursandonyi ibisobanuro, nk'uko yaguhaye ibisobanuro by'igitero mwanditse mwembi, ni urw'ivatiri ihetse imbunda yafatiwe kwa Munyampirwa. Nta wiriwe avugaga Abanyarwanda n'Abarundi bazaga muri I.T. (Inkotanyi Transport : ibyombo bya nyakwigendera Bisengimana) Nouveau Riche akaba ari we ubashakira "attestations de perte de pièces" zemezako ari Abazayirwa. Uzabeshyeye abandi !

Mu bihe bishize nabonye na Perefefu wa Gisenyi Kosima BIZI-

MUNGU, mubaza icyo atekereza kuri uwo Nouveau Riche. Ambwira ko ibikorwa bye bibi we na bagenzi be bari kuri Goma bakoreraga u Rwanda abizi. Akaba yarasabye ubutegetsi bw'aho batuye ko bwamwimurira kure y'umupaka w'u Rwanda na Zayire. Na n'ubu ategerejeko ibyo yasabye bishyirwa mu bikorwa. Cyakora bizagoraga cyane kuko uwo Pascal afite bamwe mu bategetsi bo mu Rwanda b'inshuti ze bafite imigambi yo kunganiza Perefefu wa Gisenyi mu kazi ke noneho akahibafashamo. Abibafashamo rero agerageza gusopanya imishyikirano imwe n'imwe hagati y'ubutegetsi bwo kuri Goma n'ubwo ku Gisenyi.

Yarose yicwa, atabariza mu "kirungu".

YAV a MUTACH arabeshyeye ngo ubutegetsi bw'i Kigali bwashyizeho akanama kitwaga "Iyica ry'abantu bafasha F.P.R. mu gihe cya ubuho, kiringaniye cyangwa kirekire". Ku Gisenyi ako kanama ngo kayoborwaga na Perefefu BIZIMUNGU Kosima, Major HABUFITE na Cdt BIZIMANA André. Abo bantu uko ari batatu, bese barazira ikintu kimwe. Kuba bataracuditse n'abo ba Munyampirwa, Rukimbira... nk'uko byari bimeze ku bandi. Bityo bigatuma mu murongo wo gukora akazi kabo uko bigomba hazamo kubangamira inyungu z'abo "bazayirwandais" zishobora guhombya u Rwanda.

Aho ni ho iharabikwa ryabo ryendera, rikazamuka ryototera ubwicanyi.

Namba ya mbere mu bagomba kwicwa ngo ni Munyampirwa. "Le Volcan" iratangaza ngo mu ijoro ryo ku ya 6 rishyira iya 7 Kanama 1991 ryari rigiye kuba umwaku kuri M. Munyampirwa Bahenda Pascal. Ngo muri iryo joro, mu by'ukuri, agatsiko k'abasirikari bu Rwanda

bakora k'uburyo butatanye (Commando) kiteguye bihagije, kayobowe n'umwicanyi LIBAKU MUHIRWA Fidèle afatanyije na ba GASHIRABONGE Kahonde na MUSENGE, kinjiye saa tatu z'ijoro, mu rugo rwa Munyampirwa kagamije kumwica. Amahirwe yagize ngo ni uko ibiro bishinzwe iperereza bikorera kuri Goma SNIP (Service National d'Intelligence et de Protection) byari byarangiye gutahura uwo mugambi. Ngo naho ubundi abo bagizi banabi b'Abanyarwanda baba barujuje umugambi wabo bagahita bitahira ku Gisenyi nk'aho nta cyabaye. Ibyo byanditswe na Mutach.

Iki gika cyo hejuru cyose nk'uko mukibona ni ibinyoma gusa gusa. Inama ishinze umutekano yo kuri Goma imaze gusoma iyo nkuru, yateranye igitaraganya. Igera mu rugo rw'uwo Munyampirwa, iraperereza isanga inkuru "Le Volcan" yatangaje nta kuri na kumwe ihetse. Mu mugwi wa Goma naho barahakana icyo gitero. Ariko abakunze kubonana na Nouveau Riche batubwirako muri aya mezi, asigaye yinanura k'uburyo budasanzwe

akayura, akitsa imitima. Wenda muri abo bantu iyo haza kubonekamo umutera icyumwirizo k'umutima yari gusanga ufite injyana idasanzwe. Nta wamenya !

Iyo hakozwe isesengura ry'ibyo byose usanga M. Nouveau Riche Pascal ari mu bihe byo kudihwa n'intimba y'ubugome yagiriye u Rwanda. Arikanga ubusa, akarota yicwa. Mu gitondo agasanga ari muzima ariko umutima we ukamwima amahoro. Ubwo agakoranya abanyamakuru ba "Le Volcan" akababwirira ibyo bagomba kwandika. Nguho ukuntu yatabariye mu "kirunga". Mu Rwanda, cyane cyane ku Gisenyi, iyo nkuru yatunguye benshi. Abategetsi baho (ku Gisenyi) na bo bashatse kumenya aho ukuri guherereye, basanga abanyamakuru ba "Le Volcan", kubera kuvangitiranyo imico y'ibihugu bitandukanye baribagiye ibisobanuro by'umurishyo w'impuriza n'uw'indamutsa n'igihe yarigirizwaga ! Mbese mu yandi magambo, bitiranyije kumuramya no kumuhururiza. Naho ubundi nta basirikari b'u Rwanda bafatiye kuri Goma ngo boherezwe

i Kinshasa nkuko Murasandonyi yabyanditse.

Na V.K. yari yatewe n'Abakomando.

Muribukako mu mezi atandatu ya mbere y'1990 inkuru yari ishyushye mu binyamkuru ari iterwa rya Valens Kajeguhakwa mu nzu ye iri iruhande rw'i Kivu ku Gisenyi. Akaba yaremezagako abamuteye ari abakomando bari baturutse mu Butotoli muri Komini Nyamyumba. Uwamamaje iyo nkuru ni RAVI. Mu by'ukuri icyo gitero ntikigeze kibaho nta n'umuntu n'umwe wari warigeze agitekereza. Abakomando basomye iyo nkuru b'Abanyarwanda barisekeraga gusa bati "bakoze kudusebya. Nta kuntu abakomando bahabwa "mission" nk'iriya, k'umuntu nka Valens Kageguhakwa wari muri ruriya rugo tuzi ngo tugarukire aho". Dore rero imbyino Kajeguhakwa yabyiniye muri KANGUKA ni yo Nouveau Riche arimo aceza muri "Le Volcan". Baramenye rero ntibazabe nka wa mwana murizi udakizwa urutozi.

KANGURA.

## URYE NDYE : INTEGO Y'IBYITSO BYAFUNGUWE

Mwese muzi ko twatewe n'Inkotanyi, ubutegetsi bwacu butunguwe. Abashinzwe umutekano no kulinda amahoro ku mipaka y'igihugu cyacu batabizi. Nibyo. Aliko mu gihugu imbere ndetse n'inyuma hali ibyitso, byali bizi neza uko urugamba ruzagabwa. Bali bazi neza icyo gitero n'amizero cyali kubazanira. Barategereje, barahaba. Bamwe bafatwa mu byitso, barafungwa, barafungurwa. Mu gufungurwa ubutegetsi bwabasabye ko aho bazajya hose bagomba kuzarangwa n'ubwitonzi, ntibagire uwo batatira, baryoza ko yaba yarabaturanze agatoki. Aliko ngo umutima muhana no ntiwuzura igituzo. Balimo barajigimwa. Nubusanzwe ntamunozza ni uw'i Rwanda. Mpongembino ! Abe-

nshi basubiye ku kazi kabo. Aliko havutse Turimo-mbazi mwene SIMBIKANGWA.

Hali abanyarwanda balimo biashyura umwenda wa kiliya gitero cyafungishije ibyitso.

Mu byitso byafunguwe umujinya ni wose. Murarye muli menge kuko amayeri y'inzoka Inyenzi-Inkotanyi, Ibyitso n'ababafasha balimo n'abanyamahanga, bagihonda agatoki ku kandi ngo uye ndye ! Intambara mu gihugu imbere niho rwajya mwaro, cyane cyane mu bifite.

Duhere ku mayeri yo guhimana.

ULYE NDYE : Intego y'ibyitso byafunguwe.

Abanyarwanda bazi kwita : hali, Ntamushobora na Kalimunda ba-

byara ba Ndaruhutse, uvukana na Ndimukaga. Nsanzurwimo yaba uwa Ndarihorange wa Mbonabucya mwene Bucyanayandi. Ndimurwango ati abanjye ni Ngrumpatse na Mpatswenumugabo, nabo babyaye Simbankabo, Ndamirende, Ntasherezo, Mbarute, Subwanone, Ntigashira na Nzarubara.

Nzambara yaganiliye n'umusore witwa Rwiliriza Eugène ukora muli Electrogaz-Direction. Uyu Rwiliriza aliya mazina yose wamwongeraho ilyo ushatse kuko yabuze n'uwamwita Byanguhave. Rwiliriza yaje nk'abandi gushaka akazi i Kigali, amahirwe aramusekera, akabona muli Electrogaz. Ni ingaragu, acumbitse mu nzu y'uwitwa Kadende Frédéric, ufite umutungo muli Entreprise ECOBACL. Uwo mugabo

rero yafunzwe mu Byitso by'Inkotanyi. Mu byamufungishije ngo yaba akorana n'Inkotanyi abinyujije kuli murumuna we uli mu ngabo z'u Burundi witwa Su-Ofisiye Rucakatsi. Ibya Rucakatsi bikaba ngo bizwi biturutse kuli Rwiliriza. Kugira ngo Kadende yihimure kuli uwo musore, yamufatiye ibyemezo n'imigambi ihambaye. Ngombwa azamwice, amwicisha cyangwa se amulindagize. Bigeze he? Ibyu amuhigisha imodoka ngo amugonge, amurase kenshi byaragaragaye. Kumwicisha biracyali mu mabanga ye, ariko kumulindagiza ho, amugeze kure.

Bakimara gufungurwa, ku itariki ya 26 Werurwe 1991 niho Kade-

nde yahaye umuzamu we itegeko lyo kulinda urupangu rwe ngo Rwiliriza ntazagire ikintu na kimwe asohora mu nzu. Kuva aho Rwiliriza amenyeye ko nyili inzu yamwiyunditse, yashatse kwimuka, biba iby'ubusa. Yaje gutakambira KANGURA ngo imubalize icyo kibazo avuga ko nta deni alimwo uwo Kadende, ariko ngo yabuze uko avanamo utuntu twe ngo yimuke.

Inama twamuhaye ni izi : Kwegera nyiri inzu, akamuha infunguzo z'inzu ye, yazanga akabimenyeshya ubutegetsi bumwegereye, Abaselire cyangwa se Brigade imuli hafi. Akimuka. Kuko muri ibi bihe turimo

nta gukorera ku bwoba.

Twese dukwiye kumenya ko ibyitso byafunguwe, bikili Ibyitso. Nta hantu na hamwe baburanye ngo babe abere, baracyajigimwa, baracyahekanya, agahinda ni ka kandi, ni ba Ndoliyobijya, kuli bo ibyo tulimo Ntakavuro. Uretse ko ibuye iyabonetse liba litacishe isuka. Rwiliriza we agira Imana, umuhiga aramuzi. Namwe abakekwaho kuba mwatunze agatoki, murarye muri menge. Uwakwishizemo ejo, ntiyakwiyemeye none.

Amaherezo ni "MPAKA... MWISHO".

## NAROSE NGANIRA NA MUSEVENI

Inzozo ziba nyinshi ariko izo kuruta uvugana n'umukuru w'igihugu nacyo cy'amahanga zirahimbye. icyakora turebye ibihe turimo ntabwo ari igitangaza kuko kuva ku itariki ya mbere Ukwakira 1990 umunyarwanda wese umose arota amasasu, arota inyenzi-inkotanyi, arota Rwigema na ... Museveni. Ariko ngo ubanza umwe muri abo bagabo yaba yarakuyemo ake karengye rugikubita ; naho uwundi we ni ukuzamukizwa n'iyakare kuko abantu bo basa n'abananiwe.

Iyi ntambara yavugishije menshi, yigishije byinshi cyereka ahari kuri wa wundi utazi iyo aya n'yo agana ; n'uwo yatunguye ni utazi cyangwa wirengagiza amateka y'u Rwanda. Abiha rero kuvangamo babishaka ibibazo bidafashe bya Nduga na Rukiga, by'abakire n'abadakize, by'impunzi, politiki n'ubukungu bwifashe nabi hose ni abitabiriyeh guhora bashaka kuyobya amarari bimirije imbere kuduteranya ngo duca-gagurane. Abagitsimbaraye ku butegetsi bwazereze na Revolusiyo ya Rubanda yo mu 1959 nibo ba Gasho-zantambara baba abari imbere mu gihugu, baba abahungiyey muri Uganda n'ahandi kandi badateze kuva ku izima. icyakora biteye agahinda n'ishavu ryinshi kubona indashima zagiriye akabanga, utasanga ahandi kandi zitagajye no ku icumi by'ijana by'abatu-

rarwanda bose zikigambiriyey gusubiza ku ngoyi rubanda nyamwinshi mu rwaba rushoboye gucika ku macumu yazo.

Tugarutse kuri za nzozo zanyey ngo ikinyamakuru nakoragamo cyantumye ku muntu witwa Yoweri Kaguta Museveni Perezida wa Repubulika ya Uganda ngo tunganire ku bitero bihora bigabwa mu Rwanda biturutse mu gihugu cyey. icyakora yambereyey rwose umugabo w'ukuri kuko yemeye kunyakira ariko cyane cyane akanyerurira akamuri ku mutima nta buryarya ubusanzwe bumuranga.

Naratangiyey nti : Nyakubahwa Bwana Perezida wa Uganda mwambwira impamvu mwagize uruhare rugaragara mu ntambara yazahajey u Rwanda n'ubu kandi bikaba ari ibicika ; muri make kuki mushyigikiyey cyane inkotanyi ? Museveni : icya mbere mugomba kumenyey ko iyo ntambara yashojyey n'impunzi z'abatutsi zishyigikiyey na bene wazo bagumyey mu gihugu, bose bagamijey kwongera gufata ubutegetsi bw'i Kigali nk'uko byagenzey mu myaka irenga magana ari ishize. Urumvayey rero ko mu gihe ndi umuhima ntari kubura gutera inkunga abo dusangiyey ubwoko.

Icyakabiri : abo batutsi nibo nkesha iyey ntebe nicayehoyey ubutware. Mubyo rero nabijeyey harimo kubafasha gusu-

birayey ngoma. Ndamutseyey neyey kuri ayo masezeranoyey naba mbayey ikigwariyey ndetseyey nabo bakaba bampitana.

Icyagatatu : ubwanjyey nifitiyey ibibazoyey by'insobeyey mu gihugu kitwiyey icyanjyey. Witegerejey usangayey ntegekayey agacyey gatoyayey ka Ugandayey : nko mu majyaruguruyey yahoyey sinarotayey nkandagijeyey ikirengyey. Ubwo iyoyey ngirayey amahirwe adasanzweyey abatutsi bagafatayey ubutegetsiyey mu Rwandayey nari kubayey nungutseyey amabokoyey y'indahemukayey atumayey nigarurirayey vubayey igihugu cyanjyey cyose. Nah'ubundi ubunsayey n'utangatanzweyey impandeyey zose n'abanzeyey.

Icyakane : ubu abahimayey n'abandiyey duhuje ubwokoyey dufite umugambiyey wo kwigarurirayey Afurikayey yose duherereyey ku migabanyey yayo idukikijeyey. Byari rero kutworoheryey dufasheyey mbere na mbere u Rwanda tugakomererayey kuri Zayireyey n'ahandiyey dukubutseyey iyey Kenya na Tanzaniyey.

Icyagatanu : naweyey wishyizeyey mu mwanyeyey wanjyeyey ntabwo wari kwiteshayey miliyoni ebyiriyey z'amadolari za avansiyey nahaweyey n'abo batayeyey u Rwandayey kandi bakanyemererayey kuzazikubayey kanyeyey baramutseyey batsinze. Ushyizeyey mu manyarwandayey harimoyey miliyari irengayey.

**Ikibazo :** Ariko se mushyize namwe mu gaciro murumva koko bitari ukwirarira gukabije gutekereza gutsinda abantu bari iwabo bari ku ngoma kandi bayikomeyeho narindi basanzwe barebana ay'ingwe n'ikitwa inyenzi cyose.

**Museveni :** Ibyo ntacyo bivuze kuko twizeye intwari n'abasore kabuhariwe mu kwivugana umwanzi iyo yava akagera ; dufite n'inshuti nyinshi zirekerekere kutugoboka bibaye ngombwa. Iwagombaga no kwihutira gufatirana u Rwanda mu bibazo rwariho by'ubukungu bujajajega, by'umutekano muke hirya no hino, by'irondamoko n'uturere, bya ruswa no kunyereza umutungo. Kubuririraho byari kutworohera kwigarurira abaturage kuko nabo bari batangiye kubyamagana ku mugaragaro. Ibinyamakuru bimwe na bimwe nabyo byari byarateguye mu ibanga iyo ntambara ya simusiga. Ikibazo cy'impunzi nacyo cyabidufashije jemo kuko twashoboye kugaragariza amahanga ko u Rwanda ari cyo gihugu cyonyine ku isi kidashaka ko abantu bacyo batakuka kandi yaratwumvise aranadushyigikira. Byari ngombwa gutangurana n'amashyamba menshi kuko tuzi ko aramutse aje tutakoramo kandi tukabura icyo turega u Rwanda kuri demokarasi.

**Ikibazo :** Imigambi yanyu se ko isa n'iyapfubye n'inkunga yo kwivumbura mwizeraga mu baturage ikabaviramo ahubwo imivumo muzabyifatamo noneho gute ?

**Museveni (aseka cyane) :** Ubanza ushaka kunyisekerekereza. Nibyo koko ibyo twari tugamije byose ntibyashoboye kugerwaho cyane cyane ibyo guhirika ubutegetsi bw'abahutu ariko turacyafite igihe n'imbaraga. Kugeza ubu twakoresheje kimwe cya gatanu gusa cy'ubushobozi bwacu kandi wibuke ko nafashe Kampala maze imyaka irenga itanu mu ishyamba mu nzoka no mu mibu nkanswe ubu mpagaze bwuma. Ubu noneho tuzahengeraga ibyo bihugu bihunikiye mu mashyamba tubifate mpiri mu museso.

**Ikibazo :** Ariko ngo hari ibihugu n'imiryango mpuzamahanga byaba bifasha inkotanyi n'ibitso byazo.

**Museveni :** Ubwo se niho ukibimenya ? Igitero cyateguwe kera abatutsi basho-

boye gucengera mu butegetsi no muri politiki by'ibihugu n'imiryango byinshi ku buryo icyifuzo cyabo gihita ahantu hose nta mbogamizi. Ibinyamakuru byo kw'isi yose byo twabyigariye dukoresheje amabanga n'amayeri dusanywe.

**Ikibazo :** Hanyuma se gukoresha abahutu mu migambi yanyu ntimwiyumvishaga ko bashobora kubavamo nk'uko byabagendekeye n'uwitwa Barahinyura.

**Museveni :** Uko byamereye kose twagombaga kwiyambaza bimwe mu bihutu byataye umutwe tubishukisha amafaranga, inzobe nziza n'imyanya ikomeye twabazzeranyaga kuzabaha tugeze i Kigali ; bityo intambara yacu ikagaragara nk'aho ari iy'abanyarwanda bose nta vangura ry'amoko. Ibyo kuba baduta mu nama byo si igitangaza kuko n'ubundi tutabizeye, tubafata nk'ibikorresho byacu gusa. Kandi kugeza ubu usibye uwo umaze kuvuga turacyakorana n'abasigaye neza, navuga nka Kanyarwenge. Bizimungu n'abandi n'abandi barimo n'ibyamanyi iryaguye. Gusa turamutse tugeze ku ntego zacu nibwo twaheraho twiranguza.

**Ikibazo :** Ibyaribyo byose ntimwagombaga kwirengagiza inkunga ikomeye u Rwanda rwabateye mu ntambara mwarwanye na Obote, Amini Dada na Okello ; cyangwa ngo mubure kuzirikana ibyo mwari mwemereye abanyarwanda n'isi yose ko mutazatuma hagira uwatera u Rwanda aturutse muri Uganda. Mwabivugiyeye i Butare mwagiye gusura ako karere, mubisubiramo igihe cyose mwabaga mubonanyeye na Perezida Habyarimana.

**Museveni :** Fata ko u Rwanda rutigeze rugira icyo rumfasha ahubwo bamwe mu bategetsi barwo b'abatutsi nibwo babimfashijemo ku buryo bugaragara. Abo kandi twakomeje gufatanya neza muri byose ; n'umugambi wo gutera duherereye mu Mutara no mu Birunga twawufatiye hamwe. I Butare koko nahavugiyeye ibyo umaze kunyibutsa ariko nta kundi byari kugenda ; umwanzi ntiwamugezaho imigambi yawe yose ahubwo ugerageza kumurangaza.

maze muri icyo cyizere kiraza amasinde ugakoma imbarutso inzogera zikirenga.

**Ikibazo :** Mwivugiyeye ko Abagande benshi batabumva, ubu se u Rwanda rurakaye maze rugafatanyaga n'abo babarwanya aho iminsi y'ingoma yanyu ntiyasigara ibarirwa ku mitwe y'intoki.

**Museveni (arukaye gahoro) :** Yewe wimvugira ibintu, nategereje ko u Rwanda rwakwibeshya rukambuka umupaka ho na santimetero n'imwe ngo ndwereke uko uruhu rw'intama twambarwa. Ibyo byose uvuga twarabiteganijye kandi tuzi neza uko twabyifatamo biramutse bibaye. Kandi abanyarwanda ndabazi barahukwa maze byakubitiraho ubukene kamere bw'igihugu cyabo bukamungwa n'intinyi idakira.

**Ikibazo :** Nyakubahwa Bwana Perezida wa Uganda intambara yabaye muyobora umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'Aturika, ubwo se si igisebo kubona arimwe mushyigikira imirwano aho kuyihosha ? Nagiraga kandi ngo mbabaze icyo mutekereza ku mishyikirano yose yabereye i Nairobi, Arusha, Nsele n'ahandi cyane cyane kuri ya masezerano yo guhagarika intambara aherutse. Nabasabaga no kugira ngo mugire icyo mubwira abantu ku mikorere ya ba basirikare bavugaga ko batagize aho babogamiye bari ku mupaka w'u Rwanda na Uganda.

**Museveni :** Kuba intambara yarabaye mu gihe nari Perezida wa OUA ntabwo byikoze, byose twari twabiteganijye mbera kugira ngo tubone uko dupfukirana icyo kibazo amahanga azasobanukirwe ibyabaye twarageze i Kigali kera. Abakuru b'ibihugu bose ni jye bagombaga kunyuraho bashakira ibisobanuro byo kuri iyo ntambara cyangwa bayifataho ibyemezo ibyaribyo byose. Urumva rero ko byari binyoroheye kwerekeza amakosa yose k'u Rwanda naho inkotanyi n'ibitso byazo bo bagahinduka abere. Naho O.U.A. yo ntacyo imbwiye na busa, nta n'icyo yishoboye ; icyangombwa ni uko imigambi yacu igerwaho. Imishyikirano nayo ntacyo imbwiye, ni iyo kutesha igihe. Ahubwo nakubitaga agatwenge iyo nabonaga abantu bamwe na

bamwe baturutse hirya no hino baci-cikana ngo bari mu mibonano naho jye nishishikarijwe no kujya kwa Kadafi. kwa Hussein no kwa ba Ayatollah kwishakirayo twa Katiyusha n'ibindi bitwari byo kurimbura abanyarwanda. Ibyemezo byo guhagarika intambara kimwe no gushyiraho umutwe w'abasirikare b'amahanga ku mipaka byo nabifashe nk'urwenya. icyakora byatumye isi yose imenya ko mu Rwanda hari umutwe w'inkotanyi urusha leta imbaraga kandi ukaba kabuhariwe mu macenga ya politiki. Abo ba Ofisiye bo barabyinira ku rukoma kuko imbehe yabo ihora isendereye kandi ari ntacyo bakora kigaragara. Gusa ikindi nakongeraho ni uko abategetsi b'u Rwanda mbona bameze nk'umwana ushukishwa

ibombo n'utugambo twiza two kumusi-nziriza cyangwa ukangishwa akanyafu agacceka. Nsetswa n'yo birirwa baririmba mu maradiyo no mu binyamakuru ngo bahagarikiwe n'ingabo zidafite aho zibogamiye; ubanza n'igita-mbambuga kitakwemera gucurikwa bene ako kageni!

Ubwo se abo badafite aho babogamiye ni abasirikare banyije ba NRA kandi bafatanyije n'inkotanyi? Ni ba bazayiruha se wasiga ku mbogo ukajya gukora ibyo wishakiye byose maze ukagaruka bakiyunamyeho? Cyangwa ni abatanzaniya wagira ngo baje batashakira ndetse washukisha idolari n'andi mabanga yacu maze ibindi bikikora? Abarundi bo ntawabatinda-

ho kuko dufite uko tubiziranyeho. Ahubwo natinyaga ko Kenya ya Arap Moi yabyivangamo kuko yo itandebera izuba. Ubwo se ntiwumva ko u Rwanda rwaguzwe n'ubu kandi rukaba rugishyirwa ku munzani fukanuye?

## KA02 1386

Akajambo ka nyuma: Ndabashimiye Nyakubahwa Bwana Perezida ku biso-banuro by'ingirakamaro byose mweme-ye kungezaho.

Museveni: Nanjye ngushimiye ko wanyumvise none nkaba ngusabye nkomeje kuzansuhuriza n'urukumbuzi ruhebuje abanyarwanda bose.

*Ndekezi Bonaparte  
Gisuma*

## KANYARENGWE ATUMAZEHO ABATUTSI!!!

KANGURA nkwandikiye aka kabarwa ngirango mburire abatutsi n'inkotanyi zabo, kuko mbona hafite amaso ntibarebe, bakagira amatwi ntibumve, gusa bakita abahutu ibicucu, none umuhutu umwe akaba abamariye ku rusasu ntawe arashe.

Ngirango ntawaba ayobewe imyivumbagatanyo yabaye mu RWANDA igatuma abatutsi bahungu, bahungira mu bihugu duhana imbibi n'ibyo tudahana imbibi. Ubwo ntibyatinze bafashe intwari bagaruka gutera u RWANDA. Ntabwo rero icyo gihe byabahiriye, kuko basanze Ingabo z'u RWANDA zari zimaze igihe gito, zihagaze neza.

Aha rero reka ngaruke kuri KANYARENGWE. KANYARENGWE yinjije mu Ngabo z'u RWANDA mu Ishuri rya Gisilikari likuru ryitwaga EO aribyo kuvuga Ecole des Officiers (Ishuri rya ba Officiers) ariryo ubu ryitwaga ESM (Ecole Supérieure Militaire) bisobanura Ishuri Likuru rya Gisilikari. Ubwo rero KANYARENGWE yaje kurirangizamo muri 6 ba mbere bari baritangiyeho.

Ubwo inyenzi zitera, KANYARENGWE ahangana nazo si ukuzica arazitsembe. Mbese uretse ko ubu tuvuga ko zashiriye MATIMBA, RYABEGA, NAMUHEMURE, NYAKAYAGA, ... n'icyo gihe niko byagenze uretse ko icyo gihe rwavugaga MUTARA gusa, naho ubundi bisa-

nkaho ntaho bitaniye. Ndetse na ya ndirimbo ba Officier baririmba bahiga ubutwari bw'Ingabo z'u RWANDA n'icyo gihe bahinduye amagambo.

N'ubwo rero yazishye bigatinda, rimwe zaje kumugwa gitumo ziramufata, zimuzirika ku modoka ziramukurura, ziramukubita, ziramutorotira (torturer), mbese zimukorera ibya mfura mbi. Ubwo muri uko kumukurura umutwe waje kunukaho umusatsi, banamwogoshesha bya byuma by'imunda byitwaga Bayoneti. Kubw'amahirwe yaje kuzabava mu nzara. Ubwo ngo yamaze gukira asigarana ibiharanjongo mu mutwe (ibikovu bitagira umusatsi). Yahise avuga ngo azumvikana n'umututsi umunsi ibyo bikovu byasubiranye bikamera umusatsi.

Inyenzi zaje kubona ko nta mbaraga zifite zo gufata u RWANDA zirekeraho kurwana, zijya kwitegura kuzongera gutera zifite imyitoto ikaze, n'intwari zikaze. Ziboneza iy'ishyamba, ngaho za BUGANDE, za MOZAMBIQUE, sinakubwira.

KANYARENGWE ari Ministri w'Ubutegetsi bw'igihugu yaje kumenya ko Abatutsi n'inkotanyi zabo zaba ziri gutegura ibitero bizababura mu RWANDA. Ubwo yahise asaba Umubyezi w'Impuhwe Nyakubahwa HABYARIMANA gutsembe abatutsi bari mu RWANDA, kubera ko bashakira kuza-tera.

HABYARIMANA yamwumvishije ko uzatera azasanga Ingabo ziri maso ariko ko ntawakwaha ku bantu ngo ateme nta ntambara yatangiye. Amubaza ko aramutse abatemye Minisitiri w'Ubutegetsi icyo yasigara ateguka. Ubwo yumvise atanyuzwe yifatira iy'ubuhungiro ngo ntashobora kubangikana n'abatutsi, Mbega umujinya.

Ubwo abasanze icyo mu buhungiro yabohereje abirukanisha urusasu, imyivumbagatanyo atahwemaga guteza. Arabegereye, baramwegera, arabashuka, baramushuka. Bose baturiza ku mugambi wo guhirika ubutegetsi bwa HABYARIMANA. KANYARENGWE ati ndabashoboye bazamfasha gufata ubutegetsi maze mbatsembe mporera umutwe wanjye, maze ibyo nagambiriye kuva kera mbigereho. Nabo bati reka tumwitwaze tuvuga ko ubutegetsi bwa HABYARIMANA bwanzwe n'ubwoko bwose harimo n'abari muri Guverinoma ye maze nitumara gutsinda ibanga rya gitutsi rikore akaryo.

Umugambi umaze kwuzura bati tugende. KANYARENGWE wari uzi ubutwari bw'Ingabo z'u RWANDA, arebye imicuko agiye kuyobora yiyita ngo ni inyeshyamba ngo kandi ibihumbi byinshi biruta abasirikare b'u RWANDA. Atekereje ukuntu Ingabo z'u RWANDA zifite imyitoto y'ubuhanga bunyuranye zikura mu mashuri menshi, ngabo aba BEMS (Brevet



KA02 1387

d'Etudes Militaires Supérieurs) bize mu Bufaransa; ba BEM (Breveté d'Etat-Major) biga mu Bubiligi; ba IG (Ingénieurs de Guerre) biga mu Budge; Abize muri Amerika Ecole de Guerre; Aba Para Commando bize mu Bubiligi, aba Kotakoli bize muri ZAIRE, aba Para Commando bize NJILI ZAIRE, aba COMMANDO bo mu BIGOGWE hamwe n'abarimu babo; Aba Para Commando b'i KANOMBE hamwe n'abarimu babo.... asanga nibarara mu ishyamba rimwe nabo bazaba babaye inyeshyamba kandi zifite imyitoto zirwanira igihugu cyazo zikunda, kandi yari anazizi kuko yari yaraziyoboye. Yamaze gusanga ntaho yaturuka Ingabo z'u RWANDA, abwira RWIGEMA ati ba ugiye nyewe kuko ndi Umuhutu azajya ntegereza kubwira abanyamakuru ko ndi umuhutu utishimiye ubutegetsi bwa HABYARIMANA kubera ko butubahiriza uburenganzira bw'ikiramwamuntu. Mbega amayeri.

RWIGEMA afashe iya mbere, yinjije ku butaka bw'u RWANDA tariki ya mbere z'ukwa 10. Ingabo z'u RWANDA zihagaze neza zasanze icyo gikorwa kizitunguye, kuri icyo tariki ya mbere zagerageje gukumira umwanzi no kwisuganya; maze zitegura igikorwa cyiswe réaction farouche. Maze ku itariki ya Kabiri ubwo zakoraga icyo réaction zereka RWIGEMA ko u RWANDA rutera rudaterwa, ubwo zamuvuzaga amasasu hamwe n'abo yari ayoboye. KANYARENGWE abonye intumbi ya RWIGEMA n'abo yarayoboye ati sinababwiye, ati nimuhame mwumve, bukeye bati ngiyi n'ya BAYINGANA, ati wenda n'ubwo

umusatsi wanjye utamera ntacyo bitwaye; barapfuye Iryabega, ati awa. Barapfuye i NYAKAYAGA, ati nimukomeze tuzatsinda, barapfuye mu KANIGA, i MATIMBA, i NAMUHEMURE... ati nimukomeze tuzatsinda. Yooo, yuuu, yece, mbega kugira amatwi ntiwumve, ukagira amaso nturore, ukagira ubwenge ntubukoreshe. Ese batutsi-Nkotanyi-Nyenzi, ibitangaza KANYARENGWE abizeza kuzatsindisha ni ibihe. Ngirango mwaba mwarumvise ko umwana wanyu MUREGANSHURO wafatiwe ku rugamba abibwirira ko abo bari kumwe batera bashize, yabibwiriye ko abarenga 300 baguye aho bari bateye. Kandi buri gihe uko igitero kigabwe niko bigenda, KANYARENGWE abizeza gutsinda abeshya amahanga ngo ari mu RUHENGERI, niko mubizi koko????!! Niba ariko mubizi noneho byaba ari akumiro, umuntu agashoberwa! Mbese ko MUREGANSHURO ababwira ko abana bo mu BUGANDE bose bashize, abari gushira ubu ari abavuye i BURUNDI, abo muri ZAIRE ko bashize rugikubira, ab'i NYAMATA bo ko bari bushirana n'abavuye i BURUNDI, KANYARENGWE abizeza ibitangaza bihe byo gutsinda. Ko afite abana se uwo mwabonye yohereje ku Rugamba ni uwuhe, si mwene gatutsi uri gupfa gusa. "MWASHUKIKA". Ubwo se ko abo mwari mwabyaye bashize, mwareka mukazabanza mukabyara abasimbura abaguye ku Rugamba mukabona gukomeza. Ese ko SADAM HUSSEN yabonye abasilikare n'abatuturage bamushizeho agahagarika imirwano n'ubwo bitamuhiriye, KANYARENGWE we azayihagarika ryari.

Umugambi umwe wo gutsemba abatutsi waramupfubanye, yagiriye inama inkotanyi ko zizatsinda ari uko imyivumbagatanyo hagati y'abahutu n'abatutsi ibaye maze bakereka amahanga ko u RWANDA rutubahiriza uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Maze rero ngo bizashoboka ari uko abatutsi bafashe imipanga bagatema abahutu. Ariko se batutsi 14% ry'abatuye u RWANDA mwashobora 85% ry'abahutu? Muzabaze ababikoze b'i KIBILIRA. Ngo ubwo abahutu batazaba bafite imipanga, ngo abatutsi muzabatsinda, ese koko murumva atari KANYARENGWE wabashukaga. Ese umunyarwanda udafite icumu ninde? Akagira n'agapanga gashaje da, udafite ibyo, afite agafuni cyangwa ikibando. Mbese icyo uwo mugambi we udapfuba muba mwarashiriye ku icumu, ku kibando no ku gafuni abana banyu bari gushirira ku isasu.

Ese ko KANYARENGWE yananiwe n'ubutegetsi bwa HABYARIMANA w'Umuhutu nkawe, binjiranye mu gisirikari baje kubarwanya mu gihe muzaba mushatse gufata igihugu, akananirwa kandi yari Ministri w'Ubutegetsi bw'igihugu, mwebwe mwari kuza mubonera uwuhe mwanya uruta uwo?! Ese mwari kumuha ipeti rihye riruta irya Colonel yari yarahawe na HABYARIMANA; cyangwa se mwebwe yari kubaha uwuhe mwanya?! Mwaba abapfu, mwashukika, nyewe inama ndangije mbagira ni uko mwabanza mukamushakira perike igasubirany umusatsi we naho ubundi akanyu karashobotse "MURASHIYE PE".

*Umusomyi wa KANGURA*

## ESE KOKO UMUHUTU ARAGURIZA ICYO AZARYA NTARAGURIZA I CYO AZAZIRA?

Amateka y'u Rwanda atwereka ko ingoma ya cyami yari yimirije imbere ubusumbane bw'amoko. Abatutsi bavugaga ko bavukiye gutegeka no gufina-gaza abahutu n'abatwa. Umuhutu babonaga ajijutse kandi aharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Umwana mi n'ibyegera bye baramwicaga kugira ngo abahutu bagire ubwoba maze bemere gukora uburetwa. Ishimo abo batutsi bahaga abahutu babakorera

ryari kubagaburira ibiryo bashigaje; maze abatutsi bagera inu gitaramo bakavugaga ngo "umuhutu araguriza icyo azarya ntaraguriza icyo azazira". Uyu mugambi wanteye kwibaza byinshi cyane muri iyi ntambara twakuruweho n'abatutsi aribo nyenzi-nkotanyi. Nasanze hari byinshi byerekana ko bamwe mu bahutu bishakira gusa icyo birira nibite ku ngaruka mbi zishobora gukururwa n'icyo nda nini mu rwego rwa politiki kandi politiki ariwo mutima w'igihugu.

Kubera gukunda amafaranga ndetse n'ibizungerezi abahutu bamwe bemereye abatutsi gushinga ibikwasi umutima w'igihugu. Nitutawushakira abavuzi babishoboye kandi bakunda umurwayi, uwo mutima wo urahagarara vuba.

Mbere y'uko iyi ntambara itangira abatutsi benshi barihutuye bagamije kwigira nyoni-nyinshi kugira ngo bafate imyanya y'abahutu mu rwego rwa politiki ndetse no mu zindi nzego

z'imirimo ya Leta. Bityo politiki y'iringaniza itonesha abatutsi bemera ubwo-ko bwabo maze igabira abatutsi bihujwe imyanya y'abahutu. Sinahamya ko abahutu bahutuye abatutsi babikoreye ubusa nta ruswa bahawe. Niyo mpamvu abari bashinzwe iyo politiki y'iringaniza bari bakwiye gusobanura ukuntu bakoze iringaniza, baha imyanya myinshi abatutsi ibazanira amafaranga menshi cyangwa ibageza ku mabanga yose y'igihugu kugeza ku ibanga rya gisirikari. Murebe mu miryango mpuzamahanga, mu mishinga (projets) no muri za sekeretariya (secrétariats) za serivisi za Leta murasanga abakoramo abenshi ari abatutsi kandi batarusha abahutu umubare munini mu gihugu. Ibyo byose byatumye ibyitso by'inkotanyi bigeza ku nkotanyi ibyo zari zikeneye byose.

Muri iyi ntambara kandi habonetsemo ibyitso by'inkotanyi, ibyinshi ari abatutsi n'abahutu bake. Kuba icyitso cy'abashaka kugarura ingoma ya cyami uri umututsi byo umuntu yapfa kubyumva da! Ariko se koko uretse inda nini bishoboka bite ngo umuhutu yifuze ko ingoma ya cyami yagaruka mu Rwanda maze ngo abe icyitso cy'inko-

tanyi? Abantu benshi bavuga ko abahutu babaye ibyitso bariye amafaranga menshi y'inkotanyi abandi bakaba bafite inshoreke z'abatutsikazi. Umuntu wemera kugambanira abandi bahutu kubera inda nini ye aba yemeza koko ko umuhutu araguriza icyo azarya ataraguriza icyo azazira.

Muri iyi ntambara kandi haracyaboneka byinshi byerekana ko abahutu benshi bashyira imbere umururumba n'inda yabo aho gushakira hamwe uburyo bwose bwatuma dutinda umwanzu FPR n'abayoboke be bari mu Rwanda: Abahutu benshi baracyarya ruswa z'abatutsi bakabashakira imyanya muri Leta, mu bigo byigenga no mu miryango mpuzamahanga; baracyakorana ubucuruzi n'abatutsi, baracyiruka inyuma y'ibizungerezi, baracyasurana n'abatutsi bagaragaje ku mugaragaro ko ari abayoboke ba FPR. Mbese muri make abahutu benshi baracyari ibikorresho by'abatutsi kubera ifaranga cyangwa kubera inshoreke z'abatutsikazi bafite.

Dore muri iyi minsi hamaze kuvuka ishyaka ry'ibyitso by'inkotanyi ryitwa P.L (Parti Libéral) — FPR

nouvelle formule ndetse abahutu bawumbwe n'inda yabo bamaze kuryitabira ngo harimo inoti.

Bahutu rero mwikwimiriza imbere inda yanyu muvuga ngo muzajya mu ishyamba rizabaha amafaranga; nimukore ishyamba rimwe ribahujwe nk'uko abatutsi bagiye gukora ishyamba ribahujwe bese. Nimwirinde kwaka imfashanyo abatutsi yo gutera inkunga ishyamba ryanyu nubwo mwabakijije mu cyayenge kuko iyo umuntu amaze kuguha amafaranga aba akuguze maze akaguhindura igikorresho cyo. Ubwo rero babahaye amafaranga baba bavuye ku buhake bw'inka bagakoresha ubuhake bw'ifaranga.

Abahutu bese bagomba gusubiza amaso inyuma maze bakubahiriza amateko icumi (10) abagenga ari muri Kangura n°6 ku rupapuro rwa 8 naho ubundi uriya mugani uvuga ngo umuhutu araguriza icyo azarya ntaraguriza icyo azazira ugiye kugararagira ko ari ihame ridakuka abatutsi bashyizeho abahutu bakaryubahiriza.

**HATEGKIMANA Jean Baptiste KIGALI**

## MUTARAMA 1991 RUHENGERI YARATEWE

### IGITERO CYO MU BIRUNGA.

Tariki 20 Mutarama 1991, inyenzi zagabye igitero gikomeye ku mupaka wa Cyanika. Ingabo z'igihugu zahise zitabara zihangana nazo. Inyenzi ariko zari zaje zikaze cyane, doreko n'Ingabo za Uganda zaziteraga inkunga ikomeye zigamije kwihimura kubera akaga kenshi zari zaragiriye mu Mutara. Muri icyo gihe izindi nyenzi zazamukaga ibirunga nazo ari nyinshi cyane, zigamije gutera ziturutse mu Kinigi. Ubwo kuri 21 na 22, Ingabo z'igihugu zari zihanganye nazo mu birunga bya Muhabura, Gahinga na Sabyinyo.

Abazi Ruhengeri neza bazi igihora cy'umugezi wa Susa na Rwebeya. Iyo imvura y'Ugushyamba n'U-

kubozza ihitutse kimwe n'iy'urushyamba, ibyo bihora bisigara bikubuye neza, nta mazi arimo ku buryo n'imodoka ishobora kunyuramo ikagera ku birunga. Kuva ku birunga byo n'amaguru unyuzeho ahongaho ni amasaha atatu naho umuntu yihuta ni amasaha abiri akaba asesekaye mu mugwi wa Ruhengeri. Koloneli UWIHOREYE wari Komanda w'ako karere Ruhengeri iterwa ibyo yarabyirengagije kandi ariho yakuye borove komando (brevet commando) yahoraga yambaye atayibagirwa na rimwe ku myambaro ye. Byongeye, aho hantu yari ahategetse imyaka cumi n'itanu irenga.

Ibintu byari byaravuzwe, ngo bazaza bafunguze abantu babo. Abaturage nabo bati hari amakamyo-

neti ajya mu birunga ngo gushakira ibirayi akagaruka ubusa ngo byabahenze ntibabigira, abaturage bati biriya bintu birahumeka umwuka w'ubukotanyi!

### INYENZI MU MUGI WA RUHENGERI.

Ku mugoroba rero kuri 22 Mutarama, inyenzi zageze kuri Komini Kinigi ziba zifashe kamyoneti ya Komini zirayitwara, izindi abaturage bazibona zicoka muri bya bihora bya Susa na Rwebeya bajya kubibwira Burugumesitiri. Burugumesitiri yagiye kuri Komini asanga imodoka zayitwaye ariko telefoni iramukundira. Yatelefonye Perefere arabimubwira ati kandi mwitegure cyane, zije zifite ubukaka bw'inshi. Perefere nawe yahise atele-

KA02 1389

fona Koloneli UWIHOREYE ati ko bavuze ko zije kandi ari nyinshi aho mwigiteye bihagije ? Koloneli ati nta kibazo na gito dufite.

Ubwo inyenzi zageze mu Musanze, zimaze gufata intwari zari zibitse ku cyitso cyari cyarafashwe kikarekurwa, zigabanijwemo amakipe. Ikipe imwe ijya gufunguza Gereza indi ijya kuri Gurupoma ya Camp Muhoza. Zinjiriye mu cyuho kizwi kuva kera cyambukanya ikibuga cy'indege, inyuma y'ikigo ryine, naho abazamu barinze kaburimo ! Ikigo inyenzi zarakijagajaze, abajanjirume bamwe zibicisha ibyuma, abakobwa bamwe zirabashorera. Komanda KAREMERA yakoze iyo bwabaga, abonye uwarashishaga mitarayeze zimugushije, ahita ayifata arayirashisha, ariko ay'ubusa nawe ziba ziramuhitanye.

EJENA yo Inkotanyi zarayibabariye, ari naho Koloneli yari aherereye.

Twashatse kumenya niba ari Umugaba w'Ingabo waba yaracitweho gato kubera uturere twinshi twari twugarijwe, ariko twasanze uriya Mubeyi arebera kure koko ahubwo bamwe mu bari bakwiye kumufasha baramuvunishaga. Bati umugi wa Ruhengeri urugarijwe, mube maso, Koloneli ati ndihagije, mfite ibigo bibiri bikomeye. Nyamara Umugaba w'Ingabo ntiyanuzwe, yamwoherereje ikompanyi y'abasirikari ni ukuvuga abantu hategiye y'ijana n'ijana na mirongo itanu, iturutse mu kigo cy'i Kami. Koloneli ati mwigire ku Mukamira muruhuke tuzabonana ejo.

Bamwoherereje indi kompanyi mu bari barinze Ntaruka, ndetse bamwoherereza n'abarashisha ibitwari bikomeye, Koloneli ati nta mwanya nari nabateganiriza, murebe aho murara, ejo niho nziga ibyanyu.

Uwari uyuboye izamu ryo kuri gereza ati munyunganire mumpe byibuzwe ka mitarayeze kamwe. Koloneli ati iyo si irinda gereza, ahubwo n'indembo zari zihagije. Nibwo rero urusasu ruraye ruvuga, n'amaro-

rerwa agakorwa nk'uko buri wese yabyumvise.

Igitangaza abantu ariko, kuwa gata-tu kuri 23 Mutarama mu gitondo, umuntu yatelefonaga nko mu rugo. bati turirarira muni y'igitanda, bati batugezeho, bati niba hari n'abaje kudutabara baturutse i Kigali ntibadusanga. Watelefona muri EJENA Koloneli ati ibintu ni amahoro, dore ko ariwe wisubirizaga telefoni kugera mu ma saa sita ubwo telefoni zo mu Ruhengeri zose zabuze. Kugeza aho Ingabo ziviriye i Kigali zikabohozwa umugi ku gicamuni, mu byuho n'amaraso, Koloneli ntiyari yigeze aha mu biro.

### UBUGAMBANYI CYANGA UBUSHOBOZI BUKE ?

Koloneli UWIHOREYE yari azi amakuru yose yo ku rugamba, yari afite ibyangombwa bihagije, amardiyo n'amamodoka. Ndetse n'ijipe Komanda KAREMERA yari yoherereje mu ironde mu Kinigi Inkotanyi zarayirashe, ariko bashobora guhamagara barabimumenyeshya.

Inkotanyi zisesekeye mu kigo cya Muhoza operateri wa radiyo yabangaturye ikiradiyo cye aracyirukankana ashobora kukigeza muri EJENA nawe abwira Koloneli uko bigendekeye ikigo.

Byongeye, bashyiraho amategeko y'umukwabu, bijeje abantu ko hashyizweho amarondo mu mugi n'ahagereye ibigo bya gisilikali. Nyamara Inkotanyi zitubwije ukuri zatwemererako nta rondo zigeze zihura na ryo mu mugi wose wa Ruhengeri. Inkotanyi zinjiye mu mugi zari zifite ibyitso bigenda bizi-tungira agatoki. Ibyitso rero byirizwe gutunga agatoki kuri EJENA aho Koloneli yari aherereye ndetse n'awe mu rugo nta n'uwakandagiye hasi cyane ngo hatwo Madamu n'abana badakanguka. Ibintu byinshi byerekanako Koloneli yari azi umugambi w'Inkotanyi. Guhamyako Komanda KAREMERA we yari atawuzi byo biraruhije. Gusa urebye ukuntu ikigo cye cyari kirinzwe yakwemezako bitari iby'igihe cy'i-

ntambara, kandi bamubwirako yugarijwe. None se warinda inzu uyicyayemo ? Ese iyo mitarayeze yarasabwe yo yarasaga he ? Ahubwo iyo urebye neza usanga UWIHOREYE yarashatse gukuraho icyitso yakekagako kizamuvamo (témoin gênant), naho kuvuga ngo yapfuye gitwari, n'jye ntabyo mbona.

### BAVUGA IBYO BAZI N'IBYO BATAZI.

Umugabo KAREMERA Isaië ati: "Umuntu bari baraciriye mu bwari-mu". Ubwo se arashaka kuvugako nawe abamwigishije bari ibicibwa ? Mu bwari-mu se niho bohereza abaswa ?

Gutangaza amakuru bitandukanye cyane no kwandika ibitekererezo, amakinamico na za roma (roman), aho umuntu yiyicarira mu biro agatekereza, akandika ibyo ashatse bimujye mu mutwe. Gutara amakuru bisaba kugenda ukagera aho ibintu byabereye, ukabaza ugasesengura, nyuma ugategura inyandiko uziko abazayisoma nabo bazi ubwenge. Iyo uvugako UWIHOREYE azirako ari muramu wa Mfizi, uba uhamyako Mfizi we abaye iki ko tuziko ari umuyobozi ukomeye muri Leta ? Nyamara iyo uvuze utyo bidutera gusesengura tugasanga iryo wita ivogonyo rye rirenge-ra. Wibuke ibyo yabwiriyeye Umukuru w'Igihugu kuri wa musozi murumuna wo mu majyepfo y'Igihugu yamutumiyeye gutaha umushinga, bijya gusa na wa wundi wabwiraga Yezu ati iriya misozi yose ndayikugabira n'upfukama ukandamya, yiyibagijeko iyo misozi ari Yezu iturukaho.

Radio z'amahanga ziti Gabiro yafashwe, Radio Rwanda iti: "Azaza... (Kigeli V), abanyarwanda bati birabe ibyuya ! Na Radio Muhabura niyo ntero yayo ! Mbese aho yaba ari umwera cyane mu byabereye muri Kibilira mu Kwakira 1990 ? Ndetse na Koloneli UWIHOREYE icuragira rye ku Muhororo, mu Ngororero, za Gatumba muri Nzeli n'Ukwakira 1990 ntiturishira amakenga.

Naho ubundi, Bwana KAREMERA Isaie, uwo mukino ni mubi cyane, n'ubugororantoki bwo muri buriya buryo ukwiriye kubwitondera. Keretse niba uziko iyo batanga amapeti batangamo n'ay'umurimbo. Umenye cyane cyane ko Jandarumori itandukanye n'umutwe w'abapolisi. Abajandarume ni Ingabo z'Igihugu kimwe n'izindi, ubayoboye neza barakirengera, naho u-shinzwe kubayobora akabayobya baricwa. Ibindi byose wakongeraho byaba ari nka ba bandi bamamaza HABYARIMANA ariko batuka M.R.N.D. Ubwo se baba bamushyigikiye koko? Nawe uti Mubyeyi gira imbabazi kandi umushinga uruhindu mu mugongo.

Naho ibya FERWAFWA byo ku ruhande Ferwafa nayo itazi ndabona ari nko gushyira abanyarwanda bose mu kibuga ngo buri wese acenge uri imbere ye. N'ubwo ibyerekeye feye ntabifutukiwemo, ndabona Inkotanyi zakwinjiza igitego cya mbere. Uko maci yarangira, ndacyabisuzuma! Byaterwa n'uko UWIHOREYE yasifura ku buryo butaryamira abanyaruhengeri.

Tugeze kuri SEYANGA, muza dusobanurire neza amakuru ye. Twe tuziko yari Ambasaderi i Moscou, nyuma aza kwegura ku bushake bwe. None se, umuntu azegura ku kazi ka Leta ku bushake, noneho Leta imukurikize umushahara buri kwezi ngo aha atazicwa n'inzara?

### BAKOMEZE IPEREREZA.

Nitumire abashinzwe ipepereza cyane cyane mu bya gisilikari, kuzakomeza bagakurikirana neza kugira ngo n'undi wese waba yaragize uruhare muri kiriya gitero giteye isoni, bazamushyikirize abashinzwe bamuhane bihanukiriye. Njye ndetse mu kubituruka mu mizi nahera mu kwezi kwa cumi 1990, nkabanza ngasiganuza amabanga yavugirwaga mu gikali cy'iriyi farumasi iri imbere y'ikigo cy'i Kanombe. Nyuma nkanyarukira i Masaka ya Kanombe hafi yo ku mucuruzi witwa Donasiyani tutiriwe dutanga umwirondoro we wose kuko bitabaye ngombwa hano, uw'ingenzi ni Resiponsabule wa Selire yaho. Tarike ya gatanu Ukwakira 90 ahongaho hahungiyeye abasilikari benshi, bahahurira nk'abari bafitanye

umugambi kandi bari baturutse mu bigo binyuranye, bavugako babitewe n'ubwoba kubera amasasu yari yaraye avuga mu mugwi wa Kigali, nyamara abasivili bo ntibahunze kandi nta mbunda bari bafite. Byongeye ntibavugaga ko aribo amasasu yajyaga kurobanura mu bandi bo batahunze. Uwo Resiponsabure w'iyi Selire azababwirako yagejeje ku kigo imbunda 19 n'amasasu yazo nta na rimwe ryarashwe hamwe na banyirazo.

Mvuye aho nabona kunyarukira mu Ruhengeri kureba muri rejisitiri y'abari bahafungiyewe. Urebye harimo Inkotanyi n'ibitso byazo ariko harimo na Majoro LIZINDE na Komanda BISERUKA. Yego icyo gihe ntaho bari bahuriye n'Inkotanyi, ariko se mu bari bashinzwe kurengera Ruhengeri aho ntihaba harimo abari bararize barahogoye kubera ifungwa ryabo? Nta gihamba mbifitiye ariko abashinzwe iperereza bazashishoze.

KANDEKWE Papias.

## URWANDIKO KANGURA YOHEREREJE INGABO Z'IGIHUGU, IZIGARAGARIZA KO IZISHYIGIKIYE KU BURYO BUDASUBIRWAHO.

Ingabo z'u Rwanda, twebwabanditsi ba KANGURA twihutiye kubagezaho uko bimeze imbere mu gihugu dore ko binababaje. Muribuka ukuntu inkotanyi zifatanije n'ibitso byazo biba mu Rwanda byari byizewe ko bizafata u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi 3. Rero ngo zari zarateguye igitero cyazo neza ku buryo iryo tegurwa ryari rirengeje ijana kw'ijana ku buryo ngo bagejeje kuri 105%. Nyamara Inkotanyi zizi gukoresha akarimi gusa zageze ku rugamba rw'amasasu ziba ibigwari ku buryo ba Rwigema, Bayingana na ba Bunyenyenzi bari kw'isonga ry'Inkotanyi aribo babanje kuba ibinera muheto. Ku buryo ndetse ari inkotanyi n'ibitso byazo bose babaye ibigwari, kuko intwari zose zari zifite aho kuzikoresha ahubwo zazitumyeho aribo twita mu kinyarwanda kuba ikinera muheto.


Ariko reka inkotanyi zibere ibinera muheto mu gihe, kuko zari zakubitanye n'Ingabo z'u Rwanda zanze kuvogerwa n'ingegera. Muribuka mwese ukuntu Perezida wa Repubulika yakozze ibishoboka byose kugirango imirwano ihagarare ariko inkotanyi zo ziranga. Ziyibagiza ko iyo ziteye ari 100 hataha 30 gusa. Abanyamakuru ba KANGURA bafatanije n'abaturage bashyigikiye Ingabo z'igihugu bakomeza gushyira ahagaragara amayeri yose inkotanyi zikoresha.

Inkotanyi zasabwe gushyira intwari hasi zigatana zigakora ishyamba ryazo. Kubera ko inkotanyi 99,99% ari Abatutsi, kandi n'imbere mu gihugu abatutsi ari mbarwa 14%. Inkotanyi rero zasanze kuza kumugaragaraho nta-cyo byazimarira. None ubu ziyemeje kuba zagateranya Abahutu. Abahutu mube maso!

## BIMEZE BITE RERO.

Inkotanyi zo hanze zafashe Abatutsi bari imbere mu gihugu n'ibitso byazo, maze bakorana inama bemeza ko bagomba gushaka Abahutu b'ingaruzwa bizungerezi. Abo bagaragu b'inyenzi ni nka KANYARENGWE, MBONAMPEKA, na ba MUGENZI, bagahabwa amafaranga yo gushinga amashyaka. Abatutsi bazihishamo ku girango babone uko bateranya imbaga nyamwinshi y'Abanyarwanda. Iryo shyaka mbere yo guterana, abarigize bitwa MUGENZI n'undi muntu umwe bagiye i Bujumbura guterana na ba RWIGARA n'izindi inkotanyi zibayo maze bemeza ibi bikurikira :

- 1/ Gushyinga ishyaka ryitwa Parti Libéral.
- 2/ Gushyaka ibyitso byose by'inkotanyi bikihishamo kugira ngo bizabafashe guteza imidugararo imbere mu Gihugu.
- 3/ Gusenya ibyagezweho byose na Revolisiyo yo muri 1959.
- 4/ Gushyigikira inkotanyi ku buryo bugaragara. Bigakorerwa muri iryo shyaka.
- 5/ Gukora ibintu byose bishoboka byatuma Ingabo z'igihugu zिका intege bityo inkotanyi zikaba zifashe u Rwanda bitazigoye.
- 6/ Kumvisha rubanda ko ari bo bonyine bafite uburyo bwo guhagarika imirwano kuko babonana n'inkotanyi zo kurugamba.
- 7/ Gushyigikira ibinyamakuru byose byasebya ubutegetsi buriho, no gushyinga ibindi nk'ibyo dore ko KIMENYI we yivugira ko hari ibyemeye kufana Inkotanyi, IMPURUZA, PATRIOTE, MUNYARWANDA, HUGUKA, CONGO-NIL, UMURINZI, AVANT-GARDE, IJAMBO, AGATASHYA, ISIBO, LE TRIBUN DU PEUPLE yayindi ituka Abahutu ngo ni imbwa, RWANDA RUSHYA, iyoborwa na Kameya. Kimenyi yemezako azasimbura Barahinyura ku buvugizi bwa Parti Libéral ubu akaba yaratangiye akazi ke ko kuvugira inkotanyi z'imbere mu gihugu. KANGUKA, LE PARTISAN, na L'OPINION igizwe n'Abatutsi bafunguwe. Ibyo binyamakuru byose dutangaje tubifitiye ibimenyetso kuko ikinyamakuru cyandikirwa muri Amerika cyitwa IMPURUZA cyemeza ko ibyo binyamakuru byose



biyemeje gufasha inkotanyi mu buryo bwose bushoboka.

Urundi rugero ruri hafi n'uko mu kinyamakuru ISIBO No. 18 cyatangaje ibyo M.D.R. yifuza ko byakorwa, kandi n'inkotanyi mu kiganiro zahaye abanyamakuru tariki 27 Kamena 1991 mu Budage ibyo zisaba ni biriya byose yashyize. Ubihakana azadusange mu biro M.D.R. imuhe ibimenyetso byose. Gusa icyo twe twibaza, ko twari twizeye ko M.D.R. izafasha Abahutu gutsinda Abatutsi, none inkotanyi zikaba zitangiye kubinjizamo ibitekerezo byazo babinyujije kuri NZABONIMPA mukuru wa LIZINDE Théoneste ubu uri ku ruhande rw'inkotanyi. Ibyo byose tubifitiye ibimenyetso dushobora gutanga igihe cyose bisabwe.

Ngabo z'u Rwanda rwose mukore uko mushoboye, mutabare, murebe uko mwakubita akanyafu bariya bashaka kubaca intege. None se biriya byitso ni birara kwi-

bumbira hamwe imbere mu gihugu, bigateza imyigaragambyo ubwo koko inkotanyi tuzazikira dute. Dore ko banafite n'amafaranga yatuma bakoresha bamwe ibyo bashaka. Birababaza cyane kubona ibyitso byirirwa bisebya Ingabo z'u Rwanda kandi batuka na Perezida wa Repubulika. Kubona ibyitso bigiye kuduturuka impande zose ! Nawe se tuzagira imidugararo imbere mu gihugu n'imirwano ku mupaka w'Ubuganda. Amaherezo azaba ayahe ?

## UBWANDITSI BWA KANGURA

NGEZE Hassan

NDEKEZI Bonaparte

KANDEKWE Papias

RUBERA Papias

NSENZIYUMVA Evariste

HITIMANA Noël

NYABYENDA Issa

HATEGEKIMANA Jean Baptiste

## AMASHYAKA YACU ARWAYE UBUKENE N'UBURYARYA!

**Bimaze kugaragara!** Iyo amashyaka menshi ataza kwemerwa mu Rwanda, ngo MRND yihanganire guhari-kwa, hari abantu bamwe bari kuzapfana ishavu. Babuze aho berekera ngo berekane urwango bafitiye ubutegetsi (n'abategetsi!), ngo berekane ishyari no kwihorera bibashengura imitima, ngo berekane inyota y'ubutegetsi ibasya; abandi bari kubura aho berekera handi ngo bahasazire! "basize bakoze akantu", n'ibindi!

**Perezida HABYARIMANA, Perezida-Fondateri w'ishyaka ribumbye Abanyarwanda bose, yari kuzasaza atamenye akari i Murori! Nka ya mbyino "Nabagwira", y'Amasimbi n'Amakombe, igira iti: "Kuba mu rutoki ntumenye intuntu n'intokatoki. Kuba muri benshi, ntumenye umwazi... n'umukunzi!"**

Habanje ubwoba bwo kutazatwita (ubwoba bw'abifuzaga gushinga amashyaka no kuyajya mo)! Inda ntiyatinze, nyuma y'inama y'i Labore mu Bufaransa (1989) iba irakuzze. Mu kwa 6/1991, inda iravuka (Itegeko nshinga rirahinduka, amashyaka aravuka). Tutiriwe tujarajara mu bapfumu (kwiruka mu mihanda, mu myigaragambyo)! Ubwoba bwa mbere buba burarangiyeye, itariki ya 1.5, n'ya 14 z'ukwa karindwi 91 niho twariye ubunyanano bwa ziriya mpinja. Tuzita n'amazina: MDR (Mouvement Démocratique Républicain), PSD (Parti Social Démocrate), PDC (Parti Démocratique Chrétien), MRND (Mouvement Républicain pour la Démocratie et le Développement) na PL (Parti Libéral). N'abandi baracyavuka!

### Indwara y'ubukene

Nkuko bigenda, iyo umwana amaze kuvuka, umubyeyi azusuma uruhinja niba nta burwayi ruvukanyeye bushobora kuzarukanya! Yabona nta bumuga, hagasigara kubunza imitima yibaza ikizamurera. Kubera ntibyoro-ha, kurera (iyo akuze) ni intambara! Indwara ya mbere iboneka ni **ubukene**. Nubwo abashinze amashyaka muri

rusange bakize, ariko ntawakwemeza ko biteguye gushora umutungo wabo wose mu mashyaka. Kandi bisaba amafaranga! Amashyaka yose yavukiye mu migi, agomba kujya gushaka abayoboke mu giturage. Nubwo amafaranga bataye abayoboke (birashoboka?!), hari amamodoka agomba kuzabazengurukana igihugu cyose, hari ibyo bazarya n'ibyo bazanywa, n'ibindi. Agafashanyo Leta izayaha, ntacyo kazayamarira cyane! Yari no kuzacungira ku misanzu y'abayoboke, none yisibiye amayira. Mu kurwanya MRND, yagiye yemeza ko gutanga umusanzu ari nko guheka umusaraba! Umutungo wa MRND nawo, amashyaka asaba ko washyirwa hasi akawugabana, birashoboka ko mu myaka 16 imaze yasazanye nawo. Uwo yabikiye iyivuguruye, nawo wasanga induru ituma iwurya nabi, ejo inzogera ikazirenga! Nkuko umukene atitabwaho, ubukene nabwo buzagira ingaruka mu kubona abayoboke. Ntibizatangaza irikize rigira abayoboke kurusha andi. Niba MRND, induru izaba ndende ngo amatora yapfuye! Andi mashyaka yiyibagiza ko ubu abakunda UBUMWE bivugururanye na MRND, bazi ko muri buri gace k'u Rwanda aba urimo, uba uzi ko uri kumwe n'undi w'ahandi. Utari wenyine. Nyuma kandi aho ashaka gushinga ibirindiro, MRND ihamaze imyaka 16!

### Indwara y'uburyarya

Indwara ya kabiri igaragara mu mashyaka yacu ni uburyarya. Umunyarwanda, no mu gukina politiki, ntashobora kuvugisha ukuri. Uretse yenda muri PDC (Parti Démocrate Chrétien) ya Nayinzira! Kuva yateranyiriza abayoboke 60 mu rugo iwe, bagasinya sitati, basenga Bikira Mariya, nta munyamakuru! Kugeza ubu nta gikoma. Nta na lisiti zihita ngo abayoboke biyandikishe. Umenya ahari kuri Nayinzira, icya ngombwa ari uko yubahirije ubutumwa bw'Imana, PDC ikaba iriho. Birahagije!

Ubusanzwe iyo ufite ibyo ucuruza mw'iduka, ufata bimwe ukabishyira mw'idirishya (vitrines) cyangwa imbere y'iduka, kugirango bibakurure bi-

njire. Iyo urebye ubu abo amashyaka yashyize ahagaragara, usanga bihishe akantu. Kuko hari n'ayashyize ahagaragara imbere abantu byagaragaye ko atari indakemwa (mu mico no mu myifatire) kandi Rubanda rwifuza ko u Rwanda rushyashya rwayoborwa n'abaziranenge.

Duhere kuri MDR. Nta Perezida yashyize ahagaragara kandi si ukumbura. Ababisesengura, basanga harimo amayeri n'amacenga hagati y'abayoboke ubwabo. Mu mateka, MDR ubundi ni ishyaka rya Kayibanda, yahimbiye mu Marangara, (hafi y'i Nduga) ngo ahangane n'ingoma ya gihakwe. Abakiga, nubwo bali batuye kure y'Umwami, bihuriye kujya muri MDR kugirango batembagaze umututsi batigeze bumva uko ateye kugeza n'ubu! Ejo bundi MDR izutse, bikubitiyeho n'iyi ntambara y'inyenzi, agatekerewe kahise kabagarukamo. Bumva aribwo buryo bafatanyaga n'abandi bahutu gukubita inshuro Abatutsi baturutse hanze n'ibiyitso byabo mu gihugu, ibyo ariko ntibibuza Abanyenduga (akarere gato ko muri Gitarama) bumva mbere na mbere ishyakako ari iryabo. Ko nta Mukiga ukwiye kuribategekana. Cyane cyane ko nk'iyi bamwe barizamo bavuga ko baryamiwe n'Ubushiru, abandi babona bisa n'akarengwe! Niyo mpamvu mu bazatora bavuye mu maperefejitura, uwashaka kuba Perezida ari Umukiga, azabura amajwi, muri Demokarasi! Naho ku kibazo cy'Abatutsi, si ngombwa kwirirwa uvuga ko batacyumva kimwe. Uko Umukiga yumva Umututsi, bitandukanye nuko Umututsi amwumva!

Muri M.D.R babanje gukoka ko uzayitegeka ari Twagirangungu Fawusitini, umukwe wa Kayibanda! Kangura yatunze agatoki uko yanyereje umutungo wa STIR. Aho kwiregura yahisemo kuba umushumba, araturukana. Nyamara birazwi ko "ntawe uyoberwa umwibye, ahubwo ayoberwa aho amuhishe"! Faustin we aho yahishe harazwi: Ni muri Transcontinental! Mwene wabo Ndimbira, wibera muri Malawi, niwe ukoresha iyo mari (niyo yakuye muri Caisse d'Epargne!) aho

mu majy'epfo y' Afurika (Botswana, Namibiya, Afurika y' Epfo....). None ngo miliyoni 600. Niba ari na nyinshi, habuze na kimwe cya kabiri da? Undi ushekeje mubo MDR yashyize imbere, ikamushinga itangazamakuru ni Eliyezeri Niyitegeka. Kangura imaze gutahura amarorerwa yakoreye muri Rumaniya, ateragura ibyuma umunyarwanda mugenzi we, Puragimasi, yegerereye ubwanditsi bwa Kangura. Ati: ni koko namuteraguye ibyuma, ariko muzandike ko atapfuye, akiriho! Naho ku byerekeye ikizungerezi cy'umututsikazi aho yakwamiye kwa Rasher (inyuma na Union Bar), yerekanye indangamuntu, ati: rwose Rasher ni umugore wanjye! Ko Eliyezeri atuye hepfo yo kwa Kanyaruhengeri se, umugore we akaba adapima inzoga? Narekere aho kurimanganya, "uwububa abonwa n'uhagaze".

Eliyezeri ntacyo yavuze kuri cya rukururana cya lisansi yari agiye kumira! Umenya yaragirango hatavuka ikibazo cya ruswa y'ibihumbi 200 yatanze ngo afungurwe! Abo muri Rayon Sports bo bazi amatiku ye, we na Joriji mwene Mpamo, bashaka kurya ifaranga ry'iki-pi? Ese iyo bamuha gucunga umutungo wa MDR! Abakoranye na Eliyezeri Niyitegeka muri Radio Rwanda, iyo bibutse amahane ye, bimera nk'inzozimbi!

Gushaka gukomera muri politiki ni byiza. Ariko hari imibereho y'umuntu imukurikirana. "Umuntu asiga ikimwirukaho, ntawe usiga ikimwirukamo"! Mbere yo kwihutira gutokora abandi, wagombye kubanza kureba niba nta mugogo uri mu ryawe! Naho ubundi abanyamakuru turi maso. Ntawe uzitara uruhu rw'intama (kandi ari ikirura) ngo atubeshyane rubanda.

MRND, uwasimbuye Habimana ni Karemera, uyazwiho kwirata no kwiyemera! Azaguma ho? Yakorana na nde? Ikindi kibazo: Habyarimana azakomeza kuba Perezida wa MRND ivuguruye?

Muri PSD (Parti Social Démocrate) abari kw'isonga ni intiti (baraminuje mu kwiga). Abenshi barishinze barishaka, nta washimuswe. Kandi

bamwe koko ntibigeze bajya muri MRND, cyangwa se MRND ibajyamo. Nka Rugenera Mariko, umunyagitarama ushinzwemo ubucuruzi! Yiga mu Bubiligi, muri 1976, MRND imaze umwaka 1 ishinzwe, yanditse ayisenya muri "Rwanda rw'ejo", ikinyamakuru cy'Abanyeshuri b'Abanyarwanda bigaga mu Bubiligi. Aje mu biruhuko Lizinde aramukacira, amara iminsi yitaba mu biro bye kwisobanura! Bajye gushaka kumubuza gusubira i Buruseli, Perezida Habyarimana ubwe ati nimureke uwo musore ntarasobanukirwa, asubire kwiga. Ariga, ararangiza, ariko...!

Muri PSD (Parti Social Démocrate) batoreye Nzamurambaho, umunyagikongoro, kuba Perezida. Gatabazi, umunyabutare, bakekaga ko PSD ari Aprosuma azuye yifatira umwanya wa kane! Nubwo bamwe bemeza ko uriya mwanya ukaze mu kwamamaza ishya, PSD ishobora kuhata ibaba. Kuko mu mutwe w'umuturage, Perezida bicengera kurusha Sekereteri! Nyuma kandi no mu rwego rwo gusuzugurana k'uturere (bibaho), Abanyabutare, mu gace Gatabazi atuyemo, batanze abandi Kiliziya (Save), ntibazirukira n'umutima mwiza kwinjira mw'ishyamba ritgekwa n'"Umunyabutebo", aho "batanzwe no guhaha kuva kuri Ruzagayura"! Koko se niwe uzakomeza?

Ibyo muri PL (Parti Libéral) nabyo ni amayobera. Iryo shyamba ry'umunyemari w'i Gahini, Mugenzi Yusitini na bagenzi be, ejo bundi ryagiye ahagaragara. Mu ntego zaryo huzuyemo amayeri! Ariko ntaruhije gutahura, Mbere na mbere ryitwaga Parti Libéral Rwandais (PLR) "Rwandais" iba ivuye ho! Kubera iki? Ngo kugirango iryo shyamba rishobore kugibwamo n'"Abanyarwanda" bese bo kw'isi! Urugero nuko hari n'abantu barisinyemo, batari bakandagiza ikirenge mu Rwanda! Muri Sitati za PL, biranditse ngo kuri bo, "gukomeza gusuzugura no kwirengagiza ikibazo cy'amashyamba hagati y'amoko mu Rwanda, n'ikibazo cy'impunzi cyane cyane nibyo ntandaro y'iyi ntambara". Bakongeraho akantu, wagirango ni impuhwe, ngo: "ingabo z'igihugu zakomeje kwerekana ubutwari n'ubushobozi bwazo, aho bigeze abanyapolitiki

bakwiye kureka kwanga kunganira ingabo zacu kugirango iyi ntambara ishira burundu"! icyo iryo shyamba se risaba abaduteye ni ikihe? Reka da! Ariko nta gitangaje, iyo utereye akajisho kubarishinze n'ababihishe inyuma.

Iryo shyamba PL naryo, ibyo ryashyize muri Vitines, naho bihuriye n'ibiri imbere. Nawe se, n'amatwara yaryo ateye kuriya, ryashyize Umuhutu Mugenzi Yusitini imbere. Uretse n'amateka ye yandi ateye inkeke (mwabitsomye), umuntu wagize uruhare runini mu rupfu rw'Umututsi w'i Gahini, Sarabw. abanyeshuri bivumbagatanya mu 1972, yajyaga gutse kw'isonga ry'ishya ka risa neza na FPR y'imbere mu gihugu? Nyamara byatangiyeye kumenyekanako inyuma ye hihishe Sisi Evarisiti uzayobora PL! Undi muhutu uri imbere ni Mbonampeka — iwabo muri Nkuli (mu Ruhengeri) abaturage bahahinduye itongo bumvise arimo aburanira Inkotanyi. Kuburanira abaturutsi se, n'agahinda ko gusenyerwa kaba karamuhinduye umututsi? Cyangwa n'agahinda k'ukuntu yavuye mu gisirikare yirukanwe ari Komanda? Cyakoze abo PL yashyize imbere babikwiye nabo barahari!

KAMEYA Andereya, Umututsi yakozwe muri Orinfor yandika mu kinyamakuru cyitwa La Relève. Ibitekerezo yari yarapfanye (atashoboraga kwandikamo) yashizwe abinyiguye ahimbye ikinyamakuru cye "Rwanda Rushya". Ngo Banyaga yaragisomye, agirango cyandikirwa mu Birunga! Mu numero yacyo, Kameya hari aho yashyize ifoto y'Umwami Rudahigwa aha abana amata! Byari bifite icyo bishaka kuvuga! Niyo usomye sitati za PL usangamo igitekerezo cya Kameya neza neza. Iyo bagira bati: "twasanze amateka y'igihugu adatangirira muri 59 nkuko benshi bashakye kubitwemeza. Kugira ngo twumve neza ibibazo dutite ubu ni ngombwa kureba hirya maze imibereho y'abakurambere bacu ikadufasha gusobanukirwa ibihe tugezemo. Intambara yo mu 1959, yapfubije Revolisiyo"! Ngaho da! "Inama Rukokoma" ibayeho, PL ntiyakiranuka na MDR, yahereye hafi amateka! Buriya ni uburyo bwo kwicuza (regretter) "gihake" mu kinyabupfura cya gitutsi!

Bayigamba Adalubereti, ushinzwe iby'ubu-rezi muri PL, mu minsi ya nyuma y'ubutegetsi bwa Kayibanda yabaye Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri y'Intangazamakuru. Muri Republika ya Kabiri, yoherejwe muri Ambassade mu mahanga, avuyeyo akora muri Orinfor. Yahavuye asanga umugore we muri Rwanda Motors, umuzungu Gaillard amuhamo imigabane bafatanyaga Sosiyete. Uriya Bayigamba yigeze kwiyamamariza ubudepite, iwabo muri Kigoma (Gitarama) bamuciraho akarongo. Kimwe mu byatumye abura amajwi nuko ari wa muntu urebera abaturage ku rutugu, agaseka adasetswe, ntumenye neza icyo ahatse. N'Nyanza ubwoko bwe barabushidikanya. Iby'ari byo byosse niba atari n'umututsi nyawe niwe ku mutima. Anafite na se w'umuhutu, yaba yarabyawe n'umututsi. Kandi burya iyo umugabo ari umuhutu, umwana abyaranye n'umututsikazi akurana imico ya gitutsi atozwa na nyina. Abagabo si twe bwe turera abana. Ni nacyo gituma usanga n'umwana yinemfaguza abakomoka iwabo wa se, abona ari sinzi uko basa!

**NDASINGWA Landuwaridi, Visi-Perezida wa PL, Umututsi, ufite umugore**

w'umunyakanadakazi. Amafaranga yakoreye imyaka myinshi ari maneko (aneka u Rwanda!) w'Ambassade y'Abanyamerika i Kigali, amabanki yo mu Rwanda yamwongereyeho andi yubaka ihoteli "Chez Lando", ikoramo Abatutsikazi gusa na basaza babo!

Muri iyi ntambara yafashwe nk'icyitso afungwa iminsi mike. Muri gereza yari afite ikibando cy'intururu, acumbagira cyane. Numvaga abwira abazungu bo muri Amnesty International ko imigeri yakubiswe ariyo yatumye acumbagira! Abamuze ko ubumuga abusanyanywe barasekaga, we agahakenya amenyo. Sinzi abo yahahekenyeraga!

Abo bantu bibanira n'abazungu, ubundi bakitwara nkabo, kuvuga ko bitaye ku nyungu za rubanda — nta robanura! — ni ugukina. Hari n'igihe ahubwo baba birebera hanze batitaye ku Rwanda. Ingero muri Sitati za PL zirimo. Umva nawe ngo: "Inama ya mbere yahuzaga abahagarariye amashyamba yose yemewe mu gihugu n'intumwa zihagarariye F.P.R y'inyenzi. Ngo iyo nama kandi: "Yaba irimo abahagara-

riye imiryango mpuzamahanga hamwe n'abadutera inkunga mu by'ubukungu. Ikayoborwa n'Umuhuza ukomoka muri kimwe mu bihugu bidutera inkunga mu by'ubukungu uzaba yatoranjwe kandi akemerwa n'abahagarariye FPR" Nguko uko PL (FPR) yo mu gihugu imbere uko iteye. Nta n'ubwo yemera ko Abanyarwanda, nyuma y'imyaka 30 tumaze twigenga, tudakeneye "Gashakabuhake" wo kutwumvira amagambo!

Ayo mashyamba ameze atyo, n'uburwayi bungana gutyo, niyo asaba "Inama Rukokoma" ngo aha yakoma hasi MRND. Nyamara nayo yayakoraho. Abashinze ariya mashyamba, n'abayoboke bayo, iyo ubabajije ukuntu bataye MRND bamaranye imyaka 16, bese bagusubizanya umujinya ngo ntitwigenze tubamo. Ubwo n'Ubumwe, Amahoro, Amajyambere" ntibyabarebaga! Mu kinyarwanda "uvoma yanga avoma ibirohwa"! Ninde warahira ko bimwe mu bibi barega MRND atari bo babiyikoresheje?!



## MURI CYANGUGU KOMINI ZIRANZE ZIRAZAMBYE

Abasomyi ba Kangura mumaze kumenyera ko muli ibi bihe tugezemo, tutakihanganira guceceka, ngo duhishire Umutegetsi, uwali we wese, uziha kuligisa. I Cyangugu se kumunga umutungo wa Leta (umutungo wacu twese), n'abiha kundi ndiza imishinga bitwaje ko babuzuko bakuramo ayabo.

Mu Rwanda hali imishinga myinshi yadindiye kandi ali impfashanyo, ali inguzanyo biliho. Aliko ali abategetsi bo hejuru muli za Minisiteri, ali ba Fonctionnaires dirigeants (Abayobozi b'imishinga) nabagize za Comités de suivie (Abagenzura uko imishinga izamuka mu ntera kugira ngo banyiramafranga batwoherereze andi) usanga ahenshi bitana ba mwana aliko bese icyo bapfa ali ubwumvikane buke ku

byerekeye kwikwiramo ayabo. Nibwo mubona Projet runaka ilimangana, icumbagira bya cangamo igahagarara. Mu iperereza lya Kangura ibibazo nkibyo ntitubisanga hose, uretse ko umukobwa aba umwe akatukisha bese, nkuko abaturage benshi bo muli Cyangugu basigaye batweregera ba Burugumestiri babo, tugasanga ahenshi ali byo kandi bibabaje. Dutange urugero rwa Komini Kirambo Burugumestiri amaze kuzambya.

Burugumestiri MAYIRA Mathias akimara gufata ubutegetsi, Komini ye yayigabanyijemo ibice bibili:

- Igice kimwe agiha amasegiteri atatu (Tyazo, Ruhuru na Gitungo).
- Igice cya kabiri agiha amasegi-

teri alindwi (Kinjongo, Cyato, Rwumba, Yove, Gahisi, Rangiro na Mpabe).

Akimara kugabanya Komini mo kabili, abakozi ba Komini yabahinzemo ubudehe, abizukana aliko yibanda ku bize bakomoka muli cya gice cya kabili (we avuka mu masegiteri agize igice cya mbere) na none abaziza ko atazashobora kubashiramo igitekerezo cyo kumunga umutungo wa Komini batavuka hamwe. Ndetse bamwe barakulikiranwa. Ubwo Comptable arataha, Brigadier afasha akazi hasi, Vétérinaire nawe biba ibyo n'abandi... Akazi yakihereye abarangije CERAR na CERAI ku buryo ubu mu biro ali nta kigenda.



**KA02 1395****UMUTUNGO YAWULIYE ATE ?**

- Burugumestiri MAYIRA Mathias araregwa kuba yanubakishije nabi ibiro bya Komini ku-ko amabati, amarangi, amasima n'ibindi bikoreho byinshi yabyijyaneye iwe, ku nzu ye ngo ni ibiro bya Ministeri.
- Umukuru w'Igihugu yatanze imfashanyo ya miliyoni eshanu zisanga miliyoni eshatu zo kubaka isoko rya Kirambo none hashize imyaka isanga itanu batanaraliharulira. Abaturage babilibaza aho ayo mafranga yagiye ?
- Hali umushinga w'amazi wago mbaga kubakwa n'Abaholandi, MAYIRA Mathias yumvise ko ayo mazi agomba guhabwa abaturage ba ya masegiteri uko ali alindwi, agerageza kuwuligisa, yiyubakira amarobine abili gusa muli Segiteri Yove, nyuma abeshya ko yubakishije amarobine mirongo itanu. Uyu twe

tumwita Burugumestiri BALIHIMA.

- Ministeri y'Ubuwuzi yaje gushyirira ibuye lyifatizo ahagomba kubakwa Centre de Santé ku Yove, yumvise ko igomba kubakwa muli imwe muli ya masegiteri alindwi, ntiyagira icyo akora. Hashize imyaka itatu.
- Hali amafranga imilyango cyanga abagiraneza batanga ngo ahabwe abanyeshuli batishoboye ariko Burugumestiri wa Kirambo ayita inguzanyo. Abana bavuye mu gice cya kabili iyo baje kuyasaba ali nka makumyabili bayaha batatu gusa byo kwiyerurutsa kandi nayo atuzuye aya ngombwa, abandi Inspecteur akabasubizayo ngo ayabahaye, Burugumestiri yamukura ku kazi ndetse akanafungwa.
- Abaturage bafite ubwoba ko azarigisa Umushinga Ministeri

y'Ubuhinzi, Ubworozi n'Ama-shyamba yagiye gutangiza umwaka ushize, umushinga wazazamura abaturage b'iyo Komini.

Abaturage baraturahiye bati uko tubibona, amafranga yagombaga gukoreshwa mu mishinga ireba rubanda nyamwinshi yamazze kwiyubakishirizamo inzu, agura imodoka, ashinga Station ya Essence n'ibindi...

Banyarwanda, Bavandimwe duhu-liye muli aya mashyamba menshi, ubutegetsi bw'ibanze bushingiye kuli Komini. Niyo mpamvu ba Burugumestiri bali bakwiye kwikubita agashyi kugira ngo ejo batazagira abazabitakana ngo barahemukira M.R.N.D. yabahaye amata cyangwa dutangire dukeke ko kuva na kera bali biteguye kuzakorana n'andi mashyaka, ibyakozwe mu gihe cya M.R.N.D. ntibibahame. Aha baba bibeshya, kuko mu mashyamba menshi twe tubona aliho bazabazwa byinshi !

HITIMANA Noël.

## AMBASSADE Y'U RWANDA MU BUFARANSA UMWIHARIKO W'IMIRYANGO

### Birababaje

*Kubona Leta y'u Rwanda ifata ibyemezo byo kugabanya abakozi bayo baha mu mahanga maze bene kuhahiriza ibyo byemezo bakihutira kwirukana Abanyarwanda gusa. Urugero rwa hafi rw'umukobwa w'umu standaridiste ukora muri Ambassade yacu i Paris uzwiho kuba asuzugura abantu bose baje hamugana, wakunze kuvugwaho kugirana imishyikirano na ba Majyambere n'izindi nyangarwanda, nyamara abandi ngo barahagaritswe kandi ari abenegihugu maze uwitwa NADIYA ukomoka muri Antilles urasigara. Nyamara ababikurikirira hafi bemeza ko impamvu we adakorwaho ngo nuko ari inshoreke y'abakozi bakomeye h'yo Ambassade. Si n'icyo kibabaje gusa kuko iyo Ambassade yacu yaba ari umwihariko w'imiryango. None se kubona Ambassadeur ari musanzire w'Umujyanama we kandi bagakorana ubwo mwabivugaho iki koko? Yewe Kangura izavuga byinshi koko.*

NGEZE

### PEREFE KAGIMBANGABO WA CYANGUGU IYO ADAHITAMO KWEGURA, ABAYOBOKE BA

#### M.D.R. BO MURI AKO GACE NGO BARI BIYEMEJE KUMUHA ISOMO RITUMA AVAHO

*Uwari Perefe wa Cyangugu noneho arashyize avuyeho. Inkuru ivugwa n'abarokta ku bya politike bemeza ko uwashyize Kagimbangabo ari uwahoze ahagarariye u Rwanda mu Misiri, usibye ko n'Umuyobozi wungirije wa Kaminuza y'Nyakinama nawe arimo ahatanira uwo mwanya. Ngo Kagimbangabo amaze kumenya ko habonetse abo kumugombora yahisemo kwandika urwandiko asa nungura icyo ubutegetsi bwabivuzeho, nituramenya icyo ngombwa ni uko*

*avaho, kuko imikorere ye igaragaza ko gutegeka byamunaniye.*

*Yagiye aho? Cyera akiri muri Komini y'iwaho ku Kibuye yigeze kuririmba indirimbo nziza ya M.R.N.D. agahirwa kuba Bourgmestre ahava aha Sous-Préfet mu Ruhengeri, ahava aha Perefe umwanya wamunaniye. None atashye yiyemeje kujya guhinga ibijumba ku Kibuye. Abanya Cyangugu mushyitse imitima mu nda.*

# "URWISHIGISHIYE ARARUSOMA" NA KARAMBIZI YABONYE URUMUKWIYE KA02 1396

Urufu rwa Karambizi n'abiwe rwavuzweho byinshi, ariko ikibabaje, ni uko bamwe muzi bamenyereye amatiku no kubunza ibigambo bitagira hepfo na ruguru batangiyeye kwandika mu binyamakuru bavuga ko ashobora kuba yarazizye ubusa, bakanasaba ubutegetsi gukurikirana urufu rw'uwu mugabo bakazashyira ahagaragara ukuri kwarwo.

Dushyize mu gashyamba, mwese muzi ko hano mu gihugu hari ibyitso by'inkotanyi, ariko kubera imbabazi za Nyakubahwa Perezida wa Repubulika arabababwirira abagira abere nubwo batamushimiye, bikaba bica rubanda nyamwinski umugongo kumva bamwe muri twe barengera ibyitso byaguye ku gasi.

Ibyerekeye Karambizi, murabona mwese ifoto iri ku gifuniko inyuma yafashwe arimo yigisha abana be

kurasa, kandi akabigisha yambaye imyenda y'intambara atarigeze mu gisilikari, ibi bikaba byarekana ko Karambizi kuba twaramukizye twaba twaragize imana, kandi bikerekana ko yari yariteguye bihagije intambara kugeza n'aho abana be b'ibitambambuga abigisha kurasa. Umusaza yariho-rye ati : "ntawusekera umwana wica" none n'abasirikare bacu bakoze ibigamba gukorwa, turabizeye, kandi tubaziho ubushishozi.

Ariko se nawe, abasirikare boherejwe gusa iwe, aho kubakingurira, abasanganiza urusasu, ashaka kubisira none ngo yararenganye ? Ariko rubanda rurahubuka !

Maze rero, mumenye ko Karambizi yahawe igihano akwiye, kandi cyari gikwiye ibyitso byose by'inkotanyi, aho byaba biri hose.

Harakabaho ingabo z'u Rwanda.

*N.D.L.R : Ibyabaye mu Rwanda nta handi ndabihona kuko kugeza ubu impamvu hiriya byitso bigisakuza nuko nacyo Ingabo zacu zakoze. Ese nkiyo mw'ijoro rya 4 rishyira 5-10-1990 ya masasu yararaga avuga icyo ibyitso hiraswa byose bigashira nta n'umwe uba ugisakuza. Hari n'abababajwe no kumva ya myigaragambyo y'amapeta nta cyitso na kimwe cyarashwe. Ibyitso byose turabizi. Ingabo zacu zakomerekeye ku Rugamba cyangwa zikabura ababo amaherezo zizihorera. Ibyitso niba bizi ubwenge byaceceka kuko nibikomeza gushotorana bivugaga amagambo agamhiriyeye kubabaza umuhyeyi w'ingabo, akabyo kazashoboka. Mwishyize ko 99,99 % by'abasirikare bacu barezwe na Habyarimana. Agapfa kaburiwe ni impongo.*



Gahutu Oscar



Mme Singaye Thérèse



Singaye Jean

Ese haba hari indwara y'urukundo SINGAYE André yarwaye igatuma yihakana abana be basa nawe cyane ? Mu madosiye 13 ya Singaye André bita Mahera twababwirye ko dufite dusanze muri iyi nimeru nta mwanya urimo none duhisemo kubasogongeza na none ku byerekeye umugore we w'isezerano we nyir'ibintu byose SINGAYE atunze. Ariko akaba yarabyambuwe by'agateganyo n'umugore muto hakoreshejwe ruswa.

Tubanze turebe uko yarongoye bwa mbere

Ninnye mugore w'isezerano wa SINGAYE André. Biriya hintu byose afite ni ibyanjye nawe tubiburana igihe kirageze kugira ngo SINGAYE avurwe akire maze hariya bagore amategeko atemera kuko abita inshoreke SINGAYE abasubize iwabo ibintu bitarazamba. Agapfa kaburiwe ni impongo.

Ninnye bucura kwa Data na Mama. Niyemeje kujya kuvuza Data indwara yatumye atwihakana kandi dusa nawe nk'uko Yezu asa n'Imana.

Utazi SINGAYE André iyo ambonye aba abonye ishusho ye. Kuba Data atwanga ntiwabimurenganyiriza kuko ari uburwayi. Umutungo wacu uzwi n'abagoyi base.

## INKWANO

URUKIKO RW'I BUGOYI N° 5233

IMPAMVU LIBELLE

AMAZINA CYANGW'IBIKUMWE

SIGNATURE OU EMPREINTES

1. — TALIKI: 15 — 07 — 1953
2. — Izina ry'umukwe: SINGAYE André  
Umusozi we: Rubavu
3. — Izina ry'umukobwa: NYIRABAKARANE Thérèse  
Umusozi we: Byahi
4. — Izina ry'ukwa: MIRANGA

- Umusozi we: Rubavu
5. — Izina ry'ukwerwa: BIZIGE  
Umusozi we: Byahi
6. — Abagebo babo:  
1) NSEKUYE 2) BARANGA  
NZARITURANDE na HAKIZUMWAMI

7. — icyakoreshywe :  
Inka y'igaju
8. — icyo shobujya avuze :

L.C. n° 437

# UMUSOMYI WA KANGURA WI BURUNDI B.P 1800 BUJUMBURA

## URWANDIKO NANDIKIYE IKINYAMAKURU KANGURA CO MU RWANDA IBIKUBIYE MURI IYI YANDIKO :

1. GUSHIMIRA IKINYAMAKURU KANGURA CO MU RWANDA
2. ITANGAZO KURI BENE DATA BI BURUNDI
3. DUKWIYE GUHUMUKA BANYA-GIHUGU MWE

Kinyamakuru we !!

Ntanguye iyi nyandiko yanje ndabashimira ingene mutumenyesha amakuru yo hirya no hino. Inomero yanyu iheruka gusohoka. N° 17 yaradushimishye cane twebe abasomyi b'ikinyamakuru canyu.

Twashimishijwe n'ukugene, mwanditse mwo itangazo, mutubwira yuko twebe abarundi ba Rubanda nyamwinahi, yuko dukwiye kuzohora tubandikira tubamenyesha amakuru yacu.

Nibyo koko kuko twebe nubwo twogira amakuru nta buryo (moyen) dufise yo kugira ngo ayo makuru tuyageze ku bandi.

None ubwo mwatugobotse mukaba mufite les sentiments zo kwifatanya natwe mu gukemura ibibazo, byaradushimishije cyane pece !!

Ahubwo ikibazo dufite n'iki: Iyo dushize amakete yacu muri Posta i Bujumbura, mbere yo kuyarungika, baca bamanza / kuyasoma, noneho bagahita bayaturira (Gutwika) wewe ukizera ko yashitse kandi barayituriye.

None twashaka mutugire inama yuko twohora tuzirungika maze zikabashikako. Icakora, ndizeye yuko iyi Kete iza kubageraho kuko ndayirungikanye umuntu aje iyo i Gisenyi.

Ku buryo nizeye yuko muri N° izokurikiraho, nzi neza yuko iyi nyandiko yanjye izasohoka.

Itangazo kuri bene Data b'Abarundi

Barundi, Barundikazi, ubu aho tugeze saho tuyama umugondorajosi oya, ngira ngo mutagiye kure, mutereye amaso yanyu aha hakurya muri Zaïre no mu Rwanda, ngira ngo nabadashobora kuharaba, ngira ngo baravyumva mu maradiyo yabo yuko muri ivyo bihugu Amashyamba yamaze kwemerwa. Kandi muzi yuko ari ibihugu bya C.E.P.G.L kuki se twebe, tutoca hasi ngo turwane inkundura, maze ngo bemere amashyamba? Erega niyo batemera imigambwe, nta gihe tuzova mu buretwa.

Ehe nimurabe ingene barimo baduhenda Abatutsi, badushizemo ngo

dutore Amasezerano y'Ubumwe. Ese ayo masezerano niyo azoca ashira Abahutu mu gisoda??? Kuki kugeza ubu nta musoda w'umu Ofisiye (Officier) dufise mu ngabo zacu? Nta muhutu n'umwe afise ipete rya Sergent kuki? Kandi ubundi twebe abahutu nitwe tuli benshi 85% de la Population Burundaise, none se kuki 14% b'Abatutsi aribo badutegeka kandi ari bake cyane!!!

Kuki musova hasi ngo tubabagurukire maze bemere imigambwe myinshi mu Burundi. Kandi rero nibaramuka bemeye iyo migambwe myinshi muzocye mukenya yuko natwe tugiyeye guteguka.

Inama rero nobabwira nuko tutokwishiramo guteguka twese tuzihangane tugire nk'imigambwe 2 gusa izoba ihagije, naho nitugira utugambwe twinshi, bazoca badutsinda, kuko bobo bazibumbira muri UPRONA yabo naho natwe tuzokwishyira dusabagira mu tugambwe maze badutsinde che EEH n'akazi kanyu.

Ehe raba nkubu nta muhutu n'umwe wo mu Burundi atazi yuko dufise umugambwe witwa PALPEHUTU. Muzokwishyira kujya muri UPRONA yabo mwibagire ishaka ryanyu rya PARPEHUTU.

Ngira ngo mwarumvise uko Président Buyoya yatanguye kujya abyiyama ngo nta mugambwe uzoba ushingiyeye ku bwoko ubu n'ubu ngo uzemererwa gukora mu gihugu.

Ngirango aho nta kibazo kilimo nimba aho bategetsi b'abatutsi batinye ijamba HUTU, uwo mugambwe wacu w'abahutu twashobora kuwihindura maze aho kwitwa PALPEHUTU ukitwa PALPEBU, noneho ako kajamba HUTU ko aliko banga kazoveho noneho lisigaye lyitwa: Ishaka lihara nira kurengera abarundi PALPEBU (Parti Libéral du Peuple Burundais). Muragaba rero ngira ngo murazi yuko Abatutsi ari inzoka mbi yikilira habiri, kuko mwihweje neza murasanga barafashe umuhutu wacu MAYUGI bamugira kuba umunyamabanga mukuru wa UPRONA kugira ngo baduhume amaso, maze tuzobone yuko UPRONA irimo n'Abahutu, ese ubundi ninde kugeza ubu atazi yuko UPRONA ariya Batutsi gusa!!! Oya mwarihenze cyane kuko nubwo mwofata na Président w'u Burundi akaba ari "Umuhutu" ntibihagije kuko igikuru mu Gihugu n'abasilikare, none ko mutwankira kuza mu gisirikare mwumva se bizogenda gute?

Reba hari umusore umwe yarangiye amashuri yiwe muri Zaïre ari D6

noneho aje gukora ikizami co kwinjira muri ISCAM, muhita mu mubaza ngo: Ewe sha ubu uje ngo ni wewe uzogitegeka wenyene, umuhungu yumvishe iryo jambo aca aravamo rugikubita mutaramwica.

Reba ingene mukomeje kuduhuma amaso, murinanuye ngo ter Ministre ngo ni Umuhutu kandi ari umwana wavutse k'umugore w'umututsikazi, kandi akaba afise umugore w'umututsikazi, kuki se aho kudushiriramo abantu bingirakamaro, mushiramo abantu ataco bamaze. Erega niyoye Adrien Sibomana yize Ibiharuro (Mathématique) nta vya Politike yashobora.

Kuki se muri politike yanyu Gitutsi mutotushiriramo abagabo nyabagabo, bo kutuvugira nka !NTAMWANA Musenyeri wa Diocese ya Bujumbura, Ahubwo nkuriya mwanyama wawahaye MAYUGI wo kuba Secrétaire Général wa UPRONA ntawo awukwiriye nahatoya, turagomba muzohindure muwushiraho Musenyeri NTAMWANA canke Dr NGENDABANYIKWA — NOLBERT canke NIYIBIGIRA Gérard kuko nibo bagabo dufise hanyuma uriya mwanyama wa ter Ministre mukashyira nibura NTAMWANA canke SINDAHARAYE-BAZIRE.

Ubundi SIBOMANA Adrien nawe tumufata akuko ari umututsi mu bandi. Kuko nyina wiwe n'umututsikazi, n'umugore wiwe yari umututsikazi, kuki se atoba afise agatima k'igitutsi nawe???

Mbega ni kuki Leta yanyu igizwe n'abatutsi gusa, ihakana yuko ntabwo babarundi bagiye gufasha Inkotanyi mu kurwana mu Rwanda? Ubundi rero Banyarwanda ndababwirye hano iwacu mu gisirikare huzuyemo abatutsi bavuye iyo iwanyu mu Rwanda, noneho kuko abatutsi bayise ngo ntibasigana, ngo bakorera hamwe niyo mpamvu bahise babashira mu gisirikare, none ubu nibo basigaye baza iyo kubarwanya.

Mu kwezi kwaheze kwa 6, Major KAGAME yari hano i Burundi ahamara ibyumweru bibili arimo atereta inzira yo kunyuramo ngo aze gutera mu Rwanda, noneho kubera ubwoba bwa Président wacu aranga, ariko Abandi baramugobera ngo amwemerere maze Buyoya aranka, bituma igitero bahora bavuye ngo kizozza bituma kiburiramo.

Ngiyeye kurangiza iyi nyandiko ndabasaba mwe Banyarwanda dusangiye ubwoko muzohore mudufasha, mu kurwanya akarenganyo, Reba ubu

ngubu dufite ubwoba yuko Twe abahutu bagiye kuturangiza, batwica, batwicira mu kutuvura. Aho kuduha imiti badutera Sida, kugira ngo izoduhitane.

Muzi yuko kuri Radio y'u Burundi Buyoya yama asemerera ngo Abahutu bahungu, nibahungu, Aliko batetse umutwe, noneho nko mu gihe uhungutse usubiye i Burundi ugera kuri Douane noneho bakagutera inshinge 2 ngo nizo kugukingira.

Hari n'umusore yaravuye i Kigali mu Rwanda, noneho aya i Kigali yikingiye indwara, agenda afise n'izo mpapuro zo kwikingizaho, noneho ageze kuri Douane y'i Burundi mu Kayanza abereka y'i mpapuro nabo baranka ngo mpaka bamukingire nabo. Noneho uwo musore abangiyeye bahita bamufata ku ngufu barazimutera, barambwira ngo: "Ayo manyama yawe azohera mu minsi mike".

None rero banyarwanda nagomba mudufasha kwamagana iyo tera bwoba abatutsi b'i Burundi barimo batwicisha. Muzokomeze kudufasha natwe tuzove mu buretwa turimo kuko hano mu Burundi dufashwe nabi cane. Ehe raba mpamvu mvuga yuko dufashwe nabi, nta muhutu uzasanga aba UNIVERSITE NATIONALE DU BURUNDI kuki se dushobora kurangiza muri Secondaire hanyuma ntibatwemerere kwiga muri Université nukubera iki?

Baraduhenda ngo Tulime ikawa n'ipamba ngo nibwo butunzi bwacu, kandi izi nguvu dukoresha tulima ikawa n'ibindi nizo bazoduhora baziguramo intwara zo kuturimbura.

Iyo hataba twebe abahutu ngo tujye tubalimira ntawo bari kuzogura intwara baza batulimbura nko muri Ntega na Marangara.

Bahutu rero baraduhenda nimushaka murekereho kulima kuko tuliko dukorerera abatutsi gusa igihugu cacu bakilya. Tuzolima niyo natwe twatega, kuki tuzi neza yuko nibashyamba imigambwe tuzobatsinda mu matora, tuzogwanira mu masandugu.

Nijewe Umusomyi wa Kangura.

NIYITANGA-COMME-LION-THERANCE  
BUJUMBURA - BURUNDI  
B.P. 1800 BUJUMBURA

NDLR: Iki n'igiterekerezo cy'umusomyi wa Kangura gusa uba i Bujumbura ntibiziirirwe Kangura rero.



*S'Ingabo z'Igihugu gusa zifuza ko Perezida Habyarimana akomeza kuyobora u Rwanda N'Abaperezida b'ibihangange bemeye ko bazafatanyana na Rubanda Nyamwinshi kumushyigikira. Kuri icyo foto murabona Mobutu wa Zaire - Bush w'Amerika n'abiwe. Ngo akuzuye umutima gasesekara ku munwa.*